ELLEN G. WHITE ESTATE



# ITORERO RYASIGAYE RY'IMANA

ELLEN G. WHITE

# Amashakiro


IJAMBO RY'IBANZE .......... 4

IGICE CYA MBERE - URUKUNDO IFITIYE ITORERO RYAYO .......... 5

IKINTU IMANA YITAHO MU BURYO BUHEBUJE .......... 5
Itandukaniro ridashidikanywaho kandi rigaragara .......... 6
Isuzuma mvajuru .......... 7
ITORERO UMUTUNGO W'IMANA .......... 8
Ari Hamwe N'itorero Rye .......... 8
Abigisha Bo Kwamaganwa .......... 10
INGENGAMIKORERE N'ITERAMBERE RY'ITORERO .......... 11
Ubumwe Mu Kwizera No Mu Mahame Y'itorero .......... 11
Ishyirwaho Rya Gahunda Y'itorero .......... 12
Kwinjira Mu Mishinga Mishya .......... 13
Umusaruro Uva Mu Guhuza Imbaraga .......... 13
Kurwanya Akaga Gaterwa No Kutagira Gahunda .......... 13
Inshingano Ireba Umuntu Ku Giti Cye N'ubumwe Bwa Gikristo .......... 15
Mbega Ibyo Imana Yakoze! .......... 16

IGICE CYA KABIRI - ITORERO RYASIGAYE NTABWO ARI BABULONI .......... 18

UMUREZI N'UMURIMO WE .......... 18
Ikigisho Kireba Abigishwa .......... 19
Kugambanira Icyizere .......... 20
Ubutumwa Bupfuye .......... 20
Ibirego Bya Satani .......... 21
Isi Ihamagarirwa Kwisobanura .......... 22
Umurezi Acyahwa .......... 22
Ijambo Ryo Gutera Umwete .......... 23
ITORERO SI BABULONI .......... 24
Umurimo Wo Kuyobya .......... 24
Itorero Rizima .......... 26
ITORERO RIRI KU RUGAMBA .......... 28
Satani Yemerewe Gushuka .......... 28
Itorero Umucyo W'isi .......... 29
Umurimo Wo Gusenya .......... 30
UMURIMO WATORANYIJWE N'IJURU .......... 32
Mwitondere Abigisha B'ibinyoma .......... 33
Urundi Rugero .......... 35
IMANA IFITE ITORERO .......... 36

Ibaruwa ........ 36
URUKUNDO IMANA IFITIYE ITORERO RYAYO ........ 40
Indi Baruwa ........ 40
Ndacyaha Kandi Ngahana ........ 41
Itorero Ntirigomba Gucibwamo Ibice ........ 41
IGICE CYA GATATU - ITORERO RINESHA ........ 43
UBWISHINGIZI BWASUBIWEMO KENSHI ........ 43
Guhora Rinesha ........ 43
Izina Ry'itorero Ryacu ........ 44
INTEKO NKURU RUSANGE ........ 46
Nta Tsinda Rishya ........ 47
Imana Niyo Iri Ku Ruziga Ruyobora Ubwato ........ 47
UBUTUMWA BWATANGIWE MU NAMA Y'INTEKO NKURU RUSANGE YO MU 1913 ........ 48
Ibyiringiro N'ubutwari ........ 48
Guhamagarirwa Kongera Kwiyegurira Imana ........ 49
Umusaruro Wo Kugendera Mu Mucyo ........ 50
Kugaragaza Ibyiringiro ........ 50
UBUTWARI MU MWAMI ........ 52
Ijambo Ryihariye ........ 53
Imbaraga Z'abakozi Bageze Mu Za Bukuru ........ 54
Kugeza Ku Iherezo ........ 55
Kujya Mbere Mu Buryo Burushijeho Kugera Ku Ntego ........ 55
Isezerano Ryo Kunesha Guheruka ........ 56
Ibyiringiro Byagaragajwe Mu 1915 ........ 57

## Ijambo ry’ibanze

Mu kinyejana gishize, havutse itsinda ryigishaga ukuza vuba kwa Kristo, kandi ritangaza ko Imana ari yo yabayoboye muri iyo nzira mu rwego rwo gusohoza ubuhanuzi. Iryo tsinda ryamenyekanye nk'Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi, kandi kuva rigitangira ryaragutse. Icy'ingenzi kurushaho, amahame yo mu byanditswe byera yihariye yabwirijwe n'Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi, uko imyaka yatambukaga, niko ayo mahame yagiye arushaho kugira imbaraga no gukwira.

Hari igihe isi yasekaga inyigisho ivuga ko imperuka y'isi yegereje. Uyu munsi ni bake bayiseka. Ahubwo, ahantu hose usanga basigaye bavuga nk’Abadiventiste kuri iyi ngingo. Inyigisho yacu ku Isabato y'Imana ironka imbaraga nshya uko buri binyacumi by’imyaka bihita, kuko ubu Isabato ihagaze igaragara nk'ikimenyetso gikomeye n'ikirango cy'umuntu udafite uruhare mu buhakanyi bugezweho buturuka ku nyigisho y'ihindagurika. Inyigisho yacu ku nkomoko y'umuntu n'uburyo abapfuye bamera, yunguka imbaraga nshya nk'igihome cyo kurwanya ubuhendanyi bw'inyigisho z'imyuka (abadayimoni). Ibihamya ko inyigisho zacu ari ukuri kandi ko ari iz'Imana, biragenda birushaho kwigaragaza.

Ariko hariho abadusohotsemo, ahanini bidatewe no kwizera ko amahame yacu atari ay’ukuri, ahubwo bitewe n’uko bizera yuko Imana yaretse umubiri ukorera kuri gahunda ufite icyicaro muri Washington, D.C., (muri Leta zunze ubumwe za Amerika), ndetse bakaba bizera ko bahawe inshingano yo kwimukira mu rindi tsinda rishya ry'ab'imitima yahindutse by'ukuri bifuza kwitegura umunsi w'Imana. Bizera ko hari igihe runaka mu mateka yatambutse, ubwo itsinda ry’Abadiventiste b’umunsi wa Karindwi barekeye aho kwitabwaho n’Imana kubw’impamvu runaka, maze ibyo bigatuma ibareka burundu. Ese babimenya bate? Igisubizo cyabo ni uko ngo ari ko umwuka w'ubuhanuzi wabivuze. Ariko se koko niko wabivuze?

Impapuro zikurikira zirimo ibihagije bikomoka ku ikaramu ya Ellen G. White kugira ngo bikemure iki kibazo uko cyakabaye cyo kumenya niba Imana ikiyobora uyu munsi babandi yayoboye mu gihe kirenga ikinyejana, cyangwa ko izakomeza kubayobora kugeza ku ihererezo ryuje ikuzo. Tukurarikiye gusoma, bityo ugarura ubuyanja mu bya Mwuka. Nta kabuza, urufatiro rw'Imana ruracyahagaze. . . . ABASOHORA INYANDIKO

# IGICE CYA MBERE - URUKUNDO IFITIYE ITORERO RYAYO

## Ikintu Imana Yitaho Mu Buryo Buhebuje

**Melbourne, Australia**
**Kuwa 23 Ukuboza, 1892.**
*Kuri bene Data bagize inteko nkuru rusange:*

Bene Data na bashiki banjye, ndabahamiriza ko nubwo itorero rya Kristo ryaba irinyantegenke rite kandi rikabasha kugira inenge, niryo kintu cyonyine ku isi Kristo yitaho bihebuje. Mu gihe Yesu ararikira abatuye isi bose kumusanga kugira ngo bakizwe, ategeka abamarayika be guha ubufasha mvajuru buri mutima wose uza umusanga binyuze mu kwihana no kwicuza, kandi ubwe binyuze muri Mwuka we Wera, yiyizira hagati mu Itorero rye. "Uwiteka, wagumya kwibuka ibyo dukiranirwa? Mwami, ni nde wazahagarara adatsinzwe? Ahubwo kubabarirwa kubonerwa aho uri, kugira ngo wubahwe. Ntegereza Uwiteka, umutima wanjye urategereza, kandi ijambo rye ni ryo niringira. Umutima wanjye ugirira Uwiteka amatsiko, urusha uko abarinzi bayagirira igitondo, Ni koko urusha uko abarinzi bayagirira igitondo. Wa bwoko bw'Abisirayeli we, ujye wiringira Uwiteka, kuko imbabazi zibonerwa aho Uwiteka ari, kandi aho ari ni ho habonerwa gucungurwa kwinshi. Kandi ni we uzacungura ubwoko bw'Abisirayeli, abukureho ibyo bwakiraniwe byose."

Abagabura hamwe n'itorero ryose, mureke uru rube ururimi rwacu, ruvuye ku mitima yakozweho n'ubwiza bukomeye n'urukundo by'Imana kuri twe nk'ishyanga ndetse no kuri buri wese ku giti cye, "Nimumushime, mwa bagaragu b'Uwiteka mwe, bahagarara mu nzu y'Uwiteka, mu bikari by'inzu y'Imana yacu. Mushimire Uwiteka yuko Uwiteka ari mwiza, muririmbire izina rye ishimwe, kuko ari iry'igikundiro. Kuko Uwiteka yitoranirije Abayakobo, abisirayeli yabatoranirije kuba amaronko ye. Kuko nzi yuko Uwiteka akomeye, kandi yuko Umwami wacu asumba ibigirwamana byose."

Bene Data na bashiki banjye, muzirikane ko Uwiteka afite ishyanga, ubwoko bwatoranijwe, itorero rye, kugira ngo ribe irye, igihome cye bwite, ari ryo afite mu isi yangijwe n'icyaha kandi yigometse; kandi yifuzaga ko nta butegetsi bugomba kumenyekana muri ryo, nta mategeko agomba kwemerwa muri ryo, keretse Ibye.

Satani afite ikoraniro rinini, ari ryo torero rye. Kristo aryita isinagogi rya Satani kuko abarigize ari abana b'umubi. Abayoboke b'itorero rya Satani bakomeje guhora bakora ibishoboka kugira ngo bakureho amategeko y'Imana, no kugira ngo batere urujijo ku itandukaniro riri hagati y'icyiza n'ikibi. Satani arimo gukorana imbaraga nyinshi aciye kandi anyuze mu bana bakomotse mu kutumvira Imana, kugira ngo ashyire hejuru ubugambanyi n'ubuhakanyi nk'aho ari ukuri n'ubudahemuka. Kandi muri iki gihe, imbaraga z'ihumekerwa rya Satani zirimo gutera abafite ubuzima gukorera Imana ubwigomeke bukomeye, bwabundi bwatangiriye mu ijuru.

## Itandukaniro ridashidikanywaho kandi rigaragara

Muri iki gihe, itorero rigomba kwambara imyambaro yaryo myiza ariyo “Kristo gukiranuka kwacu.” Hari itandukaniro ridashidikanywaho kandi rigaragara rigomba kongera kugaragazwa kandi rikabera isi urugero binyuze mu kwerereza amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu. Ubwiza bwo kwera bugomba kugaragara mu mucyo wabwo w’umwimerere mu buryo buhabanye no kwangirika n'umwijima by’abanze kumvira Imana, babandi bigometse ku itegeko ry'Imana.

Kubw’ibyo, twemera Imana, kandi duha agaciro amategeko yayo, ariyo rufatiro rw’ingoma yayo mu ijuru no mu isi yose. Ubutware bwayo bugomba guhora bugaragarizwa abatuye isi ko bwihariye; kandi nta mategeko agomba kwemerwa mu gihe avuguruza amategeko ya Yehova. Niba isi yemerewe kwangiriza imyanzuro yacu cyangwa ibikorwa byacu binyuze mu kwanga kumvira gahunda y’Imana, umugambi wayo uba utagezweho. Niba itorero rigize intege nke kuri iyi ngingo, hatitawe ku rwitwazo urwo ari rwo rwose ryatanga nubwo rwaba rwenda gusa nk’aho rwumvikana, mu bitabo byo mu ijuru handikwamo ko itorero ryagambaniye icyizere kirusha ibindi kwera ryahawe, ndetse ko ryagambaniye ubwami bwa Kristo.

Mu buryo butajegajega, itorero rigomba gushikama ku mahame yaryo imbere y’isanzure ryose ry’ijuru n’ubwami bwo mu isi; kandi kurangwa n’ubunyangamugayo bumaramaje mu kurinda icyubahiro no kwera kw’amategeko y’Imana, bizagaragarira kandi bireshye n’ab’isi, kandi benshi bazayoborwa mu guha icyubahiro Data wo mu ijuru kubw’imirimo myiza bazabona mu bagize itorero ry’Imana. Abizerwa kandi b'abanyakuri barangwa n’ibimenyetso by'ijuru mu cyimbo cy’ibimenyetso biranga abatware bo ku isi. Abantu bose bazamenya abigishwa ba Kristo, batoranijwe kandi b’abiringirwa abo ari bo, ndetse bazabamenya igihe bazaba bambitswe amakamba kandi bagahabwa ikuzo nk'abubahishije Imana kandi na Yo ikabubahisha, maze ikabazana ngo bahabwe umurage w’ikuzo ry’iteka.

Uwiteka yahaye itorero rye ubushobozi n'imigisha, kugira ngo abarigize babashe kugaragariza isi ishusho y’ubushobozi buheranije Bwe, no kugira ngo itorero ryuzurire muri We, rihore rigaragaza ibyiza by’isi itazashira, n’amategeko arusha agaciro ayo mu isi. Itorero rye rigomba kuba urusengero rwubatswe hakurikijwe icyitegererezo mvajuru, kandi umumarayika w’umuhanga mu nyubako yavuye mu ijuru azanye urugero rwe rw’urubingo rw’izahabu, kugira ngo buri buye ryose ricongwe kandi riringanizwe hakurikijwe igipimo mvajuru, kandi risenwe kugira ngo rirabagirane nk’ikirango cy’ijuru, ndetse rikwize hose imyambi y’umucyo irabagirana kandi ifite imbaraga ya Zuba ryo Gukiranuka. Itorero rigomba gutungwa na manu iva mw'ijuru, kandi rikarindirwa mu burinzi rukumbi bw’ubuntu bw’Imana. Ubwo rizambara intwaro z’umucyo no gukiranuka, rizinjira mu rugamba rwaryo ruheruka. Inkamba n’ibintu bidafite agaciro, bizamarwaho, kandi umusaruro w'ukuri uzahamiriza isi imico yaryo yeza kandi igeza abantu ku rwego rwo hejuru. . .

## Isuzuma mvajuru

Umwami Yesu arimo gusuzuma imitima y'abantu binyuze mu kubagaragariza imbabazi ze n'ubuntu bwinshi. Arimo guteza impinduka zitangaje cyane mu bantu be, kuburyo Satani wirata intsinzi, hamwe n'urwiyunge rwe rw'ikibi ruhora rurwanya Imana n'amategeko y'ingoma yayo, ahagarara akababona nk'igihome kidashobora kwinjirwamo n'ubucakura ndetse n'ubuhendanyi bwe. Kuri Satani, abantu ba Yesu ni iyobera atabasha gusobanukirwa. Abamarayika b'Imana, abaserafi n'abakerubi, aribo myuka itumwa gufasha abantu b'Imana, bitegerezanya amatsiko n'umunezero uburyo abigeze kuba abana b'umubi, ubu bari gutozwa na Kristo bagakuza imico ishingiye ku cyitegererezo mvajuru, kugira ngo babe abahungu n'abakobwa b'Imana, maze bagire uruhare rukomeye mu kwibera no guhabwa ibyiza byo mu ijuru.

Kristo yahaye itorero rye ubufasha buhagije, kugira ngo azabone umusaruro mwinshi w'icyubahiro uvuye mu bo yacunguye kandi akabagura amaraso ye. Mu guha itorero gukiranuka kwa Kristo, yarigize ububiko Bwe, aho ubutunzi bw'imbabazi ze, bw'urukundo Rwe, n'ubw' ubuntu Bwe, bigomba kugaragarira mu buryo bwuzuye kandi buhebuje. Mu isengesho rya Kristo ryo kutuvuganira, kuba yaratangaje ko urukundo rwa Data adukunda rungana n'urwo amukunda we mwana w'ikinege w'Imana, kandi ko tuzabana na We aho ari, tukazahora iteka turi umwe na Kristo na Se, ni igitangaza ku ngabo zo mu ijuru kandi ni umunezero wazo ukomeye.

Impano y'Umwuka We wera, ikungahaye, yuzuye, kandi ihagije, igomba kubera itorero rye nk'urukuta rw'umuriro rurigose, rutabasha kuneshwa n'imbaraga z'ikuzimu. Mu kwera kwabo kutagira ikizinga no gutungana kwabo kutagira inenge, Kristo areba ubwoko bwe nk' igihembo cy'imibabaro ye yose, gukozwa isoni kwe, urukundo rwe n'inyongera ku ikuzo rye – Kristo, ariwe zingiro rikuru rikomokaho imirasire yose y'ikuzo. "Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama." – *General Conference Daily Bulletin*, 1893, pages 408, 409. Byongeye gucapwa muri *Testimonies to Ministers*, pages 15-19.

## Itorero Umutungo W'Imana

Itorero ni umutungo w’Imana, kandi Imana ihora irizirikana kuko riri mu isi, aho ribasha guhura n'ibishuko bya Satani. Kristo ntabwo yigeze na rimwe yibagirwa iminsi ye yo gukozwa isoni. Ubwo yanyuraga mu bihe bye byo gukozwa isoni, Yesu ntabwo yigeze atakaza na gato ubumuntu bwe. Yakomeje kugira bwa bugwaneza, rwa rukundo rwuje impuhwe, kandi umutimwa we uhora iteka ukorwaho n’amahano abantu bahura na yo. Ahora iteka azirikana ko yari umunyamibabaro wamenyereye intimba. Ntabwo ajya yibagirwa abantu bamuhagarariye bahora bakoresha uko bashoboye kugira ngo berereze amategeko Ye yasiribanzwe. Azi yuko isi yamwanze na bo ibanga. Nubwo Yesu Kristo yagiye mu ijuru, haracyariho umurunga ukomeye uhuza abamwizera n’umutima We wuje urukundo rutagira iherezo. Aboroheje hanyuma y’abandi n’abanyantege nke begerezwa umutima we binyuze mu murunga w’impuhwe. Ntabwo ajya yibagirwa ko ari we uduhagarariye, kandi ko yambaye ishusho yacu ya kimuntu.

Yesu yitegereza itorero rye ry’ukuri riri mu isi, rifite intego ihebuje izindi yo gufatanya na We mu murimo ukomeye wo gukiza imitima. Yumva amasengesho yabo basenga bayashyizeho umutima kandi bicuza. Ushoborabyose ntashobora kwirengagiza kwinginga kwabo basabira umuntu uwo ari we wese ubarizwa mu bagize umubiri wa Kristo uhura n’ibishuko kandi akageragezwa. “Nuko ubwo dufite umutambyi mukuru ukomeye wagiye mu ijuru, ari we Yesu Umwana w’Imana, dukomeze ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” Yesu ahoraho kugira ngo adusabire. Mbese ni iyihe migisha uwizera by’ukuri atahabwa binyuze mu Mucunguzi wacu?

Vuba aha, itorero rigiye kwinjira mu ntambara yaryo irusha izindi zose gukomera, nyamara nicyo kintu ku isi Imana izaba yitayeho cyane. Ubwifatanye bw’ababi buzabyutswa n’imbaraga zivuye ikuzimu, kandi Satani azashyira ibirego byose bishoboka ku batoranyijwe, nyamara ntazashobora kubashuka cyangwa kubayobya akoresheje ibihimbano bye n’ibinyoma. Nyamara uwazamuriwe “kuba Ukomeye n’Umukiza, no guhesha Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha,” ari we Kristo uduhagarariye akaba n’umuyobozi wacu, mbese azafunga urugi rw’umutima we, cyangwa adukureho ukuboko kwe, cyangwa yice isezerano rye? Oya; ntibizigera bibaho, ntibizigera bibaho.

### Ari Hamwe N'itorero Rye

Imana ifite itorero, ubwoko bwatoranyijwe; kandi iyaba bose bashoboraga kubona uburyo Kristo ari hamwe cyane n’ubwoko bwe ku rwego nabibonyeho, nta butumwa na bumwe bwakumvikana buvuga ko itorero ryabaye Babuloni. Imana ifite ishyanga rikorana na Yo, kandi ryakomeje kujya mbere ritumbiriye ikuzo ryayo. Mutegere amatwi isengesho ry’uduhagarariye mu ijuru: “Data,

ndashaka ko abo wampaye, babana nanjye aho ndi; kugira ngo babone icyubahiro cyanjye.” Oh, mbega uburyo Umutware mvajuru amaze igihe yifuza kubana n’itorero rye! Bagiranye umushyikirano na We mu gihe cye cyo kubabazwa no gukozwa isoni, kandi kubana na bo kugira ngo basangire ikuzo Rye, ni wo munezero We uhebuje indi yose.

Kristo asaba Data ko akwiriye kubana n’itorero rye. “Abo wampaye ndashaka ko aho ndi na bo bahabana nanjye.” Kubana na bo Kwe bishingiye ku bwumvikane n’isezerano yagiranye na Se. Ku ntebe y’imbabazi, ahagaragariza yicishije bugufi ko yishyuye ikiguzi cyuzuye cyo gucungura ubwoko bwe. Umukororombya w’isezerano uzenguruka Incungu n’umwishingizi wacu mu gihe ageza kuri Se gutakamba kwe kuje urukundo, agira ati “Data ndashaka ko abo wampaye babana nanjye aho ndi; kugira ngo babone icyubahiro cyanjye.” Tuzareba Umwami mu bwiza bwe, kandi itorero rye rizahabwa icyubahiro.

Kimwe na Dawidi, ubu dushobora gusenga duti: “Igihe gikwiriye cyo gukora k’Uwiteka kirageze, kuko bahinduye ubusa amategeko yawe.” Abantu bakomeje kutumvira amategeko y'Imana kugeza ubwo bageze ku bwigomeke ntagereranywa. Abantu barimo kwimenyereza imibereho yo kutumvira, kwihutira kugera ku rubibi rwo kwihangana n’urukundo by’Imana, kandi nta kabuza, Imana izagira icyo ibikoraho. Nta kabuza, azarwanirira icyubahiro cye, kandi azatsemba ikibi cyahawe intebe. Mbese abantu b’Imana bubahiriza amategeko yayo, bazatwarwa n’ikibi cyahawe intebe? Bazashukishwa se guha agaciro gake amategeko y’Imana ariyo rufatiro rw’ingoma yayo mu ijuru no mu isi, bitewe ni uko isi yose yayirengagije? Oya. Amategeko y’Imana abera itorero ay’agaciro cyane, yera, kandi yo kubahwa, mu gihe abantu bayirengagiza kandi bakayaha agaciro gake. Kimwe na Dawidi, bashobora kuvuga bati: “Bahinduye ubusa amategeko yawe, Nicyo gituma nkunda ibyo wategetse, nkabirutisha izahabu naho yaba izahabu nziza. Nicyo gituma nibwira yuko amategeko wigishije yose atunganye, kandi nanga inzira z’ibinyoma.”

Itorero riri ku rugamba ntabwo ubu ari itorero ryanesheje; ariko Imana ikunda itorero ryayo, kandi Isobanura binyuze mu muhanuzi uburyo irwanya kandi igakumira Satani wambika abana bayo imyenda irusha indi yose kwijima no kwandura, hanyuma agasaba uburenganzira bwo kubarimbura. Abamarayika b'Imana barinda abagize itorero ibirego by'umwanzi. Umuhanuzi aravuga ati:

“Maze anyereka Yosuwa umutambyi mukuru ahagaze imbere ya marayika w'Uwiteka, na Satani ahagaze iburyo bwe ngo amurege. Uwiteka abwira Satani ati ‘Uwiteka aguhane, yewe Satani. Ni koko Uwiteka watoranyije i Yerusalemu aguhane. Mbese uwo si umushimu ukuwe mu muriro?’ Kandi Yosuwa yari yambaye imyenda y'ibizinga, ahagaze imbere ya marayika. Marayika abwira abari bamuri imbere ati ‘Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga.’ Maze abwira Yosuwa ati ‘Ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane.’ Ndategeka nti ‘Nimumwambike igitambaro cyiza mu mutwe.’ Nuko bamwambika igitambaro cyiza mu mutwe, bamwambika n'imyenda. Marayika w'Uwiteka yari ahagaze aho. Marayika w'Uwiteka ahamiriza Yosuwa cyane ati ‘Uwiteka Nyiringabo aravuze ati ‘Nuko nugendera mu nzira zanjye kandi

ukitondera ibyo nagutegetse, nawe uzacira inzu yanjye imanza n'ibikari byanjye uzabirinda, nanjye nzagushyira mu byegera muri aba bahagaze aha.'''

## Abigisha Bo Kwamaganwa

Iyo abantu bahagurutse, bakavuga ko bafite ubutumwa bahawe n'Imana, nyamara aho kujya mu ntambara yo kurwana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, bo bakiremamo inteko ya gisirikare yitegeye ibyerekezo byose uko ari bine, hanyuma intwaro zabo bakazihindukiza kugira ngo barwanye itorero riri ku rugamba, mujye mubatinya. Ntabwo bafite ibimenyetso mvajuru. Ntabwo Imana yigeze ibaha umurimo n'umwe umeze utyo ngo bawukore. Icyo bākora ni ugusenya ibyo Imana yajyaga kugarura ku murongo Ikoresheje ubutumwa bwa Lawodokiya. Imana ikomeretsa gusa igamije gukiza uburwayi, ntabwo iba igamije gutuma ūbikorewe bimuzanira kurimbuka. Ntamuntu Imana ijya iha ubutumwa buzaca intege itorero cyangwa ngo butume ritakaza icyizere. Imana Iracyaha, Iragaya, kandi Irahana; nyamara icyo iba igendereye gusa ni ukugira ngo ku iherezo igarure ku murongo kandi ishime.

Mbega uburyo umutima wanjye wanejejewe na raporo y'Inteko nkuru rusange ivuga ko imitima myinshi yacishijwe bugufi kandi igatuza! Iyo raporo kandi ivuga ko benshi batuye ibyaha byabo biyoroheje, maze imyanda yari iri ku rugi rw'umutima wabo, ari na yo yabuzaga Umucunguzi kwinjiramo irahakūrwa hasigara hatunganye. Mbega uburyo nanejejwe no kumenya ko benshi bakiriye Yesu nk'umushyitsi uhorana na bo! Bishoboka bite ko izi nyandiko ngufi [pamphlets] zamamaza ko "Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi ryahindutse Babuloni" zakwirakwijwe hose, hafi na kure, kandi bigakorwa mu gihe nyirizina iri torero ryari ririmo kwakira isukwa ry'Umwuka w'Imana?

Bishoboka bite ko aba bantu baba barayobejwe cyane kugeza ubwo batekereza ko ijwi rirenga rikubiyemo kurarikira abantu b'Imana gusohoka mu itorero ririmo kwishimira igihe cy'ihembura? Oh, icyampa iyi mitima yayobejwe ngo igaruke mu kuri kw'iki gihe, maze yakire umugisha kandi ihabwe imbaraga iva mu ijuru. *Review and Herald*, Oct. 17, 1893. Byongeye gucapwa muri *Testimonies to Ministers,* pages 19-23.

## Ingengamikorere N'iterambere Ry'itorero

Hashize imyaka irenga mirongo ine, uhereye igihe gukorera kuri gahunda no kugira ingengamikorere bitangijwe muri twebwe nk'ishyanga. Nari umwe mu bagize inararibonye yo gutangiza iyo gahunda bwa mbere. Nzi ibirushya iyo gahunda y'itorero igomba guhura na byo, nzi ibibi yashyiriweho gukosora, kandi narebye uruhare yagize rufitanye isano no gukura k'umurimo w'Imana. Mu itangira ry'umurimo, Imana yaduhaye umucyo wihariye werekeranye n'iyi ngingo, kandi uyu mucyo, hamwe n'amasomo inararibonye twanyuzemo yatwigishije, bigomba kuzirikanwa byitondewe.

Mu itangira, umurimo wacu wari ukaze. Twari bakeya, kandi benshi muri twe bari abakene. Hafi y'ibyo twizeraga byose, byari ibintu bishya kandi bitazwi mu isi. Ntitwagiraga insengero, icyakora twari dufite amacapiro makeya, kandi twari dufite ubushobozi bukeya cyane bwo gutuma umurimo wacu ujya mbere. Umukumbi wari utataniye mu nzira ngari n'intoya, mu mijyi minini, mu mijyi mito no mu mashyamba. Amategeko y'Imana no guhamya kwa Yesu, ni byo byari ubutumwa bwacu.

### Ubumwe Mu Kwizera No Mu Mahame Y'itorero

Umugabo wanjye, hamwe na bene Data Joseph Bates, Stephen Pierce, Hiram Edson, n'abandi bari bafite ishyaka, b'inyanyangamugayo, kandi b'abanyakuri; bari bamwe mu bashakishije ukuri nk'ubutunzi buhishwe nyuma guhita kw'igihe cyo mu 1844.

Twashoboraga guhurira hamwe turemerewe mu mutima, tugasenga dusaba kuba umwe mu kwizera no mu mahame y'itorero; kuko twari tuzi ko Kristo atabamo ibice. Mu gihe kimwe, twafataga ingingo imwe akaba ari yo dukoraho ubushakashatsi. Ibyanditswe byabumburanwaga gutinya Imana. Akenshi twiyirizaga ubusa, kugira ngo dutegurirwe biruseho gusobanukirwa n'ukuri. Nyuma yo gusengana umwete, iyo habaga hari ingingo itumvikanye, yaganirwagaho, kandi buri wese agatanga igitekerezo cye yisanzuye; hanyuma twashoboraga kongera kunama tugasenga, kandi kwinginga kuvuye ku mutima kwazamukaga mu ijuru dusaba ko Imana yadufasha kubona amaso ku maso, uburyo twaba umwe nk'uko Kristo na Data ari umwe. Amarira menshi yarasheshwe.

Twakoresheje amasaha menshi muri ubu buryo. Rimwe na rimwe ijoro ryose twarimaraga ducukumbura ibyanditswe, kugira ngo dusobanukirwe ukuri kugenewe igihe cyacu. Mu bihe bimwe, Umwuka w'Imana yanzagaho, maze ibice bigoye bigasobanuka neza binyuze mu nzira Imana yatoranyije, bityo bigatuma habaho guhuza kuzuye. Twese twari dufite intekerezo zimwe n'umwuka umwe.

Twifuzaga cyane ko Ibyanditswe bidakwiriye kugorekwa kugira ngo bibashe gushyikira ibitekerezo by'umuntu uwo ari we wese. Twagerageje gutuma ibyo tutumvikanaho biba bikeya

uko bishoboka binyuze mu kwirinda gutinda ku ngingo z'agaciro gake kandi zabaga zitanavugwaho rumwe. Ahubwo umutwaro wa buri mutima, wari ugutuma muri bene Data haza umwuka wajyaga gutuma isengesho rya Kristo risubizwa ryo gusabira abigishwa Be ngo babe umwe nk'uko We na Data ari umwe.

Rimwe na rimwe, umwe cyangwa babiri muri bene Data barigomekaga bakarwanya umwanzuro runaka wemeranyijweho, ndetse bagakora ibihuye n'amarangamutima yabo bwite; ariko igihe iyi myitwarire yagaragaraga, twahagarikaga ubushakashatsi bwacu kandi tugasubika inama yacu, kugirango buri wese agire amahirwe yo kujya kuganira n'Imana mu isengesho, kandi hatabayeho kuganira n'abandi, akiga ingingo dutandukaniyeho, asaba umucyo uva mu ijuru. Nyuma yo gukoresha imvugo ya kivandimwe twaratandukanaga, kugira ngo twongere guhura vuba uko bishoboka, maze tubashe gusubukura ubushakashatsi. Rimwe na rimwe imbaraga y'Imana yatuzagaho mu buryo bugaragarira amaso, kandi igihe umucyo usobanutse wabaga umaze guhishura ingingo zidusobanurira ukuri, twarariraga maze tugasangira umunezero. Twakundaga Yesu kandi twarakundanaga.

## Ishyirwaho Rya Gahunda Y'itorero

Umubare wacu wagiye wiyongera. Urubuto rwabibwe, rwavomerewe n'Imana, kandi Imana ituma rukura. Bwa mbere, twarateranaga tugasenga, maze abantu babaga baje kumva ubutumwa bwacu tukabigisha ukuri, tukabikorera mu mazu yo kubamo, mu byumba binini byo guteguriramo amafunguro, mu byumba binini byo kubikamo ibintu runaka, mu mashyamba, no mu mazu y'amashuri; nyamara ntitwatinze kugira ubushobozi bwo kubaka amazu yoroheje yo gusengeramo.

Uko umubare wacu wagendaga wiyongera, byahise byigaragaza ko hatabayemo uburyo runaka bwa gahunda, hajyaga kubaho akavuyo gakomeye, kandi umurimo ntiwari kujya mbere ngo ugere ku ntego. Kugira ngo haboneke ubushobozi bwo gushyigikira umurimo, bwo kugeza ubutumwa ahantu hashya, kugira itorero rigire umutekano kandi ririndwe kubabwamo n'abatabikwiriye, kugira umutungo w'itorero ugerweho, kugira ngo ukuri gushyirwe ahabona binyuze muri press [mu macapiro yacu], ndetse no kubera izindi mpamvu nyinshi; kugira gahunda byari bikenewe cyane mu buryo budashidikanywaho.

Nubwo byari bimeze bityo, benshi mu bantu bacu bari bifitemo ibyiyumviro bikomeye byo kurwanya gahunda. Abadiventiste b'umunsi wa mbere ntibemeraga gahunda, kandi benshi mu Badiventiste b'umunsi wa Karindwi, bahaye agaciro ibitekerezo bimeze nk'ibyabo. Twashakishije Imana binyuze mu gusenga dushyizeho umwete kugira ngo dusobanukirwe ubushake bwayo, kandi umucyo waratanzwe. Umwuka yatumenyesheje ko hagomba kubaho ibintu bikozwe ku murongo na gahunda ikozwe neza muri buri kintu cyose mu itorero – yuko kugira gahunda ari ngombwa cyane. Gahunda no gukorera ku murongo, byigaragaza mu mirimo yose y'Imana

igaragarira mu isanzure ryose. Gahunda ni itegeko ry’ijuru, kandi igomba kuba itegeko ry’abantu b’Imana mu isi.

### Kwinjira Mu Mishinga Mishya

Twagize urugamba rutoroshye mu gushyiraho gahunda. Nubwo Uwiteka yaduhaye ibihamya byinshi kuri iyi ngingo, kuyirwanya kwari gukomeye, kandi kwagombaga gukorwa kukongera kugakorwa. Nyamara twari tuzi ko Uwiteka Imana ya Isirayeli yari ituyoboye, kandi ituyoboresheje ubuntu bwayo. Twakoranye imbaraga mu murimo wo gushyiraho gahunda, kandi icyizere cyo kugera ku nsinzi, cyagaragaye mu iri tsinda ryarimo rijya mbere.

Uko iterambere ry’umurimo ryaduhamagariraga kwinjira mu mishinga mishya, twabaga twiteguye kuyinjiramo. Uwiteka yerekeje intekerezo zacu ku mumaro w’umurimo w'uburezi. Twabonye ko hakenewe amashuri, kugira ngo abana bacu bahabwe inyigisho zitarimo amakosa ya filozofiya ipfuye, no kugira ngo guhugurwa kwabo kube guhuye n'amahame y'ijambo ry'Imana. Twararikiwe cyane gushyiraho ikigo cy’ubuvuzi, kugira ngo gifashe kandi kigishe abantu bacu, ndetse kinabe inzira yo guhesha umugisha no kumurikira abandi. Uyu mushinga na wo washyizwe mu bikorwa maze ujya mbere. Ibi byose byari umurimo w’ivugabutumwa ukozwe kuri gahunda inoze ku rwego ruhebuje.

### Umusaruro Uva Mu Guhuza Imbaraga

Umurimo wacu ntiwakomejwe n'impano nyinshi cyangwa imirage; kuko bake muri twe ni bo bari abatunzi. Mbese ibanga ryacu ryo gusugira ryabaye irihe? Twagendeye ku mategeko y’Umugaba w'agakiza kacu. Imana yahaye umugisha imbaraga zacu twahurije hamwe. Ukuri kwarakwiriye kandi kurasagamba. Ibigo byacu byikubye incuro nyinshi. Akabuto ka sinapi karakuze gahinduka igiti cy'inganzamarumbo. Imiterere y'ubuyobozi yatumye haboneka intsinzi ikomeye. Gahunda yo gutanga guhoraho yashyizweho hagendewe kuri gahunda ya Bibiliya. Umubiri “wafatanyijwe n’uko ingingo zose zigirirana.” Uko twateraga imbere, uburyo bw'imiyoborere yacu bwakomeje kugaragaza ko bugera ku ntego.

### Kurwanya Akaga Gaterwa No Kutagira Gahunda

Mureke he kugira n’umwe ushyigikira igitekerezo cy’uko tudakwiriye kugira gahunda. Byadusabye kwiga cyane n’amasengesho menshi dusaba ubwenge kugira ngo tumenye ko Imana yadusubije itubwira gushyiraho ino gahunda y’ubuyobozi bw’itorero. Iyi gahunda yubatswe hakurikije icyerekezo Imana yatanze, binyuze mu kwitanga kwinshi ndetse no kubusanya na

bamwe. Mureke he kugira n'umwe muri bene Data ushukwa cyane kugeza ubwo agerageza kuyisenya, kuko ibyo bizatuma muzana imiterere y'ibintu mutajya murota ubu. Dushingiye ku itegeko ryatanzwe n'Imana rivuga ngo "mujye mbere", twagiye mbere ubwo ingorane zo gukemurwa zatumaga kujya mbere bihinduka nk'ibidashoboka. Tuzi icyo byadusabye kugira ngo dushyire mu bikorwa gahunda y'Imana mu gihe cyashize, ari na byo byaduhinduye ishyanga turi ryo uyu munsi. Bityo, mureke buriwese yigengesere cyane uko ashoboye kose, kugira ngo adakura intekerezo za bamwe ku bintu Imana yashyiriyeho gutuma tujya mbere kandi umurimo wayo ukagera ku ntsinzi.

Abamarayika bakora ibintu biri ku murongo. Gahunda izira amakemwa ni yo iranga ibikorwa byabo byose. Uko turushaho kwigāna ubwuzuzanye na gahunda by'ingabo z'abamarayika, ni ko umuhati w'izi ntumwa mvajuru wo kudufasha uzarushaho kugera ku ntego. Niba tubona hadakenewe ibikorwa byuzuzanya, hanyuma tugakorera mu kajagari, nta kinyabupfura, kandi ibikorwa byacu bikaba bitari kuri gahunda, abamarayika barangwa na gahunda mubyo bakora byose kandi bagendera kuri gahunda inoze mu buryo buheranije, ntabwo bashobora kubasha kudufasha. Basubira inyuma bababaye, kuko ntabwo bemerewe guha umugisha urujijo, uburangare, n'akajagari. Abantu bose bifuza gukorana n'intumwa zo mw'ijuru, bagomba gushyira hamwe na bo mu bikorwa byabo.

Abafite ugusigwa kuva hejuru, bazaharanira kugira gahunda, ikinyabupfura, n'ubumwe mu bikorwa uko bashoboye kose, kandi ibyo bizatuma abamarayika b'Imana bakorana na bo. Ariko nta narimwe, nta narimwe izi ntumwa zo mwijuru zizashyigikira ibitari ku murongo, kutagira gahunda, n'akajagari. Ibi bibi byose ni ingaruka z'umuhati wa satani wo guca intege imbaraga zacu, gusenya ishyaka ryacu, no kutubuza kugera ku ntsinzi.

Satani azi neza ko insinzi yagerwaho gusa igihe hariho gahunda no kuzuzanya kw'imikorere. Azi neza ko ibintu byose byerekeranye no mu ijuru biba biri kuri gahunda inoze, ko kwitanga no gukorera ku murongo mu buryo buheranije ari byo biranga imitwe y'abamarayika. Gutuma abavuga ko ari Abakristo bajya kure hashoboka y'uko gahunda yo mu ijuru iteye, ni ibintu Satani yize neza ashyizeho umwete kandi akora uko ashoboye kose. Kubw'ibyo, ashuka n'abavuga ko ari abantu b'Imana, maze agatuma bizera ko "kugira gahunda no gukora ibintu ku murongo" ari abanzi b'iby'umwuka, kandi ko umutekano wabo wonyine uri mu kureka buri wese agakurikiza ibyo atekereza, no kwitandukanya by'umwihariko n'imibiri y'Abakristo bunze ubumwe kandi barimo gukora bagamije gushyiraho gahunda no kuzuzanya kw'imikorere.

Umuhati wose ukoreshwa mu gushyiraho gahunda, ufatwa nk'aho uteye akaga, nk'aho ari ukubuzanya uburenganzira bw'umudendezo, maze kubw'ibyo bigatuma uwo muhati utinywa nk'aho urimo imikorere y'ubupapa. Iyi mitima iba yamaramaje, itekereza ko ari ikintu cyiza kwagura cyane umudendezo wabo wo gutekereza no gukorera mu bwigenge bwabo. Ntibazigera bemera ibyo undi uwo ari we wese yavuze. Ntibajya bemera gutegera amatwi umuntu n'umwe.

Neretswe ko kuyobora abantu mu kwiyumvamo ko ari itegeko ry'Imana kuri bo ryo kugira imikorere mishya yabo ubwabo hanyuma bagahitamo inzira yabo itagendera ku ya bene Data; ari umurimo wihariye Satani yiyemeje.

Imana ifite ubwoko iri kuyobora, kugira ngo ibukure mu isi ibugeze ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka, rw'amategeko y'Imana no kwizera Yesu. Azatunganya kandi ategure ubwoko bwe. Abagize ubwoko bwayo ntibahabana mubyo bizera, umwe ngo yizere ikintu kimwe n'undi agire kwizera n'imyumvire ihabanye rwose n'iya mugenzi we, aho buri wese azaba yigenga agakorera hanze y'umubiri wa Kristo (itorero). Binyuze mu mpano zitandukanye n'ubuyobozi Imana yashyize mu itorero, bose bazagira ubumwe mu kwizera. Niba umuntu umwe ahisemo kugendera ku myumvire ye y'ukuri kwa Bibiliya atitaye ku gitekerezo cya bagenzi be, hanyuma agatsindishiriza uruhande rwe avuga ko afite uburenganzira bwo kuyoboka ibitekerezo bye byihariye, kandi akabihatira abandi, bishoboka bite ko yaba arimo gusohoza isengesho rya Kristo? Kandi niba undi ahagurutse ndetse n'undi agahaguruka, buri wese akaza ahamya iby'uburenganzira bwe bwo kwizera no kuvuga ibyo ashaka bidahuje no kwizera rusange k'umubiri wa Kristo (itorero), ni hehe hazaba hari ukuzuzanya kwari kuri hagati ya Kristo na Se, kandi ari na ko Kristo yasenze asaba ko gukwiriye kuba hagati ye na bagenzi be (abigishwa be)?

## Inshingano Ireba Umuntu Ku Giti Cye N'ubumwe Bwa Gikristo

Nubwo dufite umurimo n'inshingano bireba buri muntu ku giti cye imbere y'Imana, ntitugomba kugendera ku mitekereze yacu bwite mu bwigenge, twirengagije ibitekerezo n'ibyiyumviro bya bagenzi bacu; kuko iyi mikorere yatuma habaho umuvurungano mu itorero. Ni inshingano y'abagabura kubaha imitekerereze ya bagenzi babo; ariko umushyikirano uba hagati y'umwe n'undi, ndetse n'amahame bigisha, bigomba gusuzumishwa amategeko n'ibihamya; hanyuma, niba imitima yemera kwigishwa, ntihazabaho amacakubiri muri twe. Bamwe bahisemo kudakorera muri gahunda, kandi bagenda bava mfatiro zikomeye zo kwizera; ariko Imana iri kugenderera abagabura bayo kugira ngo babe umwe mu mahame no mu Mwuka.

Ni ngombwa cyane ko ubumwe bwacu uyu munsi bugira imiterere izatuma bushobora gutsinda ikigeragezo cy'isuzuma. . . .  Dufite amasomo menshi tugomba kwiga, n'andi menshi menshi tutagomba kwiga. Imana n'ijuru ni byo gusa bidashobora kwibeshya. Abatekereza ko batazigera na rimwe bareka imyumvire runaka bari barimitse muri bo, ko batazigera na rimwe bagira umwanya wo guhindura imitekerereze yabo, bazasanga baribeshye. Igihe cyose tukigundira ibitekerezo n'imyumvire yacu bwite, tukabikora dufite gutsimbarara kumaramaje, ntidushobora kugira bwa bumwe Kristo yasengeye. Igihe mwene Data yakiriye umucyo mushya mu Byanditswe, agomba gusobanura uruhande ahagazemo atabogamye, kandi buri mugabura agomba gushakisha mu Byanditswe afite umwuka wo kwemera ukuri, kugira ngo arebe koko niba ingingo zagaragajwe zishobora gushyigikirwa n'ijambo ryahumetswe. "Ariko umugaragu w'Umwami

wacu ntakwiriye kuba umunyamahane, ahubwo akwiriye kugira ineza kuri bose, agakunda kwigisha, akihangana, agahanisha ubugwaneza abamugisha impaka ngo ahari nibishoboka, Imana ibahe kwihana ngo bamenye ukuri.” 2 Timoteyo 2:24, 25.

## Mbega Ibyo Imana Yakoze!

Mu kongera kureba ku mateka yacu yo mu gihe cyashize, mu kuba naranyuze muri buri ntambwe yose yo kujya mbere kwacu nkageza aho duhagaze ubu, navuga nti, Imana ihimbazwe! Iyo mbonye ibyo Imana yakoze, nuzuzwamo gutangara no kugira ibyiringiro muri Kristo nk’umuyobozi wacu. Nta kintu na kimwe tugomba gutinya cy’ahazaza, keretse gusa nitwibagirwa inzira Imana yatuyoboyemo.

Ubu turi ishyanga rikomeye niba icyizere cyacu tugishyira mu Mana; kubera ko dufite ukuri gukomeye ko mu ijambo ry’Imana. Dufite ibintu byose byo kwishimira. Niba tugendera mu mucyo nk’uko umutumurikira uturutse mu magambo mazima y’Imana, tuzagira inshingano ngari, zihuje n’umucyo ukomeye twahawe n’Imana.

Dufite inshingano nyinshi zo gukora bitewe n’uko twagizwe ibigega by’ukuri kwera kugomba kubwirwa isi mu bwiza n’icyubahiro byako byose. Imana tuyirimo umwenda wo gukoresha amahirwe yose yaduhaye kugira ngo dutume ukuri kubengerana binyuze mu kwera kw’imico, no gutanga ubutumwa bw’umuburo, bwo guhumuriza, bw’ibyiringiro n’urukundo, ku bari mu mwijima w’ikinyoma n’uw’icyaha.

Dushimire Imana kubera ibyamaze gukorwa byose mu guha urubyiruko rwacu ibirufasha mu gutoza ubwenge no guteza imbere iby’umwuka byabo. Benshi bigishijwe kugira uruhare mu mashami atandukanye y’umurimo, atari muri Amerika gusa, ahubwo no mu mahanga. Icapiro ryacu ryitwa “press”, ryatumye haboneka inyandiko zakwirakwije “kumenya ukuri” ahantu kure kandi hagari. Mureke impano zose zimeze nk’utugezi duto duhuriye hamwe, zikaba zarakoze umugezi munini w’ubuntu, zifatwe nk’impamvu yo guha Imana amashimwe.

Uyumunsi, dufite ingabo z’urubyiruko zibasha gukora byinshi, niba bayobowe uko bikwiriye kandi bagaterwa umwete. Turifuza ko abana bacu bizera ukuri. Turifuza ko bahabwa umugisha n’Imana. Turifuza ko bagira uruhare muri gahunda ziteguwe neza zo gufasha urundi rubyiruko. Mureke bose batozwe cyane kugira ngo babashe kugaragaza ukuri mu buryo bukwiriye, babashe gutanga impamvu y’ibyiringiro byabo, no guhesha Imana icyubahiro mu ishami iryo ari ryo ryose ry’umurimo aho bateguriwe kuwukorera . . .

Nk’abigishwa ba Kristo, ni inshingano yacu kumurika umucyo, uwo tuzi ko isi itawufite. Reka abantu b’Imana “babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabuntu bakunda gutanga, bibikire

ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basīngīra ubugingo nyakuri.” 1 Timoteyo 6:18,19. - *Testimonies to Ministers*, pages 24-32.

# IGICE CYA KABIRI - ITORERO RYASIGAYE NTABWO ARI BABULONI[1]

## Umurezi N'umurimo We

Nababajwe cyane no gusoma inyandiko ngufi "pamphlet" yari yateguwe na mwene Data S. hamwe n'abari bafatanije na we mu murimo yakoraga. Bafashe amagambo amwe n'amwe yo mu Bihamya ntabizi, hanyuma bayashyira muri "pamphlet" bari basohoye, kugira ngo bigaragare nk'aho inyandiko zanjye zishyigikira kandi zikemeza uruhande rwabo bogeza. Mu gukora ibi, bakoze ibitari iby'ubutabera cyangwa ibyo gukiranuka. Binyuze mu kwiha uburenganzira budashobora gushyigikirwa, bagejeje ku bantu inyigisho ifite imiterere yo gushukana no kurimbura. Mubihe byashize, abandi benshi bakoze ibimeze bitya, kandi batumye bigaragara nk'aho Ibihamya byashyigikiraga uruhande rwabo rw'ikinyoma kandi rudashobora no kurwanirirwa.

Nahawe umucyo w'uko uruhande rwafashwe na mwene Data S. n'abemeranyaga na we, ko rutari urw'ukuri, ko ahubwo ari kimwe mubyo tuzajya "tubona hano" ndetse "tukabibona hariya", kandi ko ari ikintu kizaranga iminsi turi kubamo. Kugira ngo mbahe urugero rw'uburyo mwene Data S. yasonzoranyije iyi nyandiko, ngiye kubagezaho ibyabaye bikurikira: Nandikiye ibaruwa umwe mu bagabura bacu imureba ku giti cye, kandi mu buryo bw'ubupfura, natekerezaga ko ishobora kugira icyo ifasha mwene Data S.. Uyu mwene Data w'umugabura yamwoherereje kopi yayo; ariko aho kugira ngo ayifate nk'uburyo bwo kumufasha ubwe, yacapye bimwe mu bice byayo muri ya "pamphlet" nk'aho ari bimwe mu Bihamya bitari byaracapwe, kugira ngo abishyigikize uruhande yari yarafashe.

Mbese iyi mikorere iraboneye? Nta kintu na kimwe cyari kiri mu Bihamya cyo gushyigikira uruhande mwene Data S. yari yarafashe; ariko nk'uko benshi babikora ku Byanditswe, yabikoresheje ahadakwiriye, maze akomeretsa ubugingo bwe bwite n'ubwabandi. Imana izacira urubanza abiha umudendezo udashobora gushyigikirwa maze bagakoresha uburyo butaboneye kugira ngo ibyo bo bafata nk'ukuri babihe imiterere runaka n'imbaraga ihindura. Mu gukoresha ibaruwa yohererejwe undi muntu runaka ku giti cye, mwene Data S. yatesheje agaciro umuhati mwiza w'uwifuzaga kumufasha.

Amatsinda asohora "pamphlet" ivuga kw' *Ijwi Rirenga* no kugwa kw'amatorero yose, ahamya ubwayo ko Umwuka Wera w'Imana adakorana na yo. "Muzabamenyera ku mbuto zabo."

---

[1] Iki gice kigizwe n'urukurikirane rw'ubutumwa bwagiye busohoka mu Rwibutso n'Integuza, kuva kuwa 22 kanama kugeza kuwa 19 Nzeri, 1893.

Abakira kandi bagasoma “pamphlets” zamamaza izi nyigisho zipfuye, bazakuramo igitekerezo cy’uko nshyigikiye izi nyigisho, kandi ko nshyize hamwe n’aba bantu mu gutangaza icyo bo bita “umucyo mushya.” Nzi yuko ubutumwa bwabo buvanzemo ukuri, nyamara ukuri bagukoresha ahadakwiriye kandi bakakugoreka bitewe no guhuzwa n’amafuti. Ndifuza kubwira ntya mwene Data woherereje aba bantu kopi y’ibaruwa nari namwandikiye: “Nta gitekerezo na kimwe mfite cyo kukunenga, kandi ko nta muntu ukwiriye kugushyiraho umugayo na muke ku bijyanye n’iyi ngingo. Ndamutse nanzuye ko wakoze amakosa kandi nkakunenga, kandi nkabikora mu gihe wowe wabikoreshejwe n’impamvu nziza, byatuma Imana itanyishimira. Niba mwene Data wifuzaga gufasha yarihaye uburenganzira runaka, kandi akagambanira icyizere wari wamugiriye, ntabwo ukwiriye kwigaya ngo ubabazwe n’ingaruka zo kutaba indahemuka kwe.”

## Ikigisho Kireba Abigishwa

Hariho ibintu byanditse biri mu Bihamya, bitagenewe isi muri rusange, ahubwo byandikiwe abana b'Imana bayizera, kandi ntabwo bikwiriye ko abantu babikoresha mu kwigisha, kuburira, gucyaha, cyangwa gutanga inama ku batuye isi mu buryo bwa rusange. Umucunguzi w'isi, Uwoherejwe n'Imana, umwigisha uhebuje abandi abana b'abantu bigeze kumenya, hari ingingo zimwe na zimwe atigeze yigisha abantu muri rusange, ahubwo azigisha abigishwa be bonyine. Mugihe yari afite ubutumwa bwagenewe imbaga nyamwinshi yabaga ishagaye intambwe ze, yabaga afite n’umucyo wihariye ndetse n’ibyigisho byo kugeza ku bayoboke be, ibyo atigeze aha ikoraniro rinini ryabaga rimukuriye, bitewe n’uko ritari kubisobanukirwa cyangwa ngo ryishimire kubitega amatwi.

Yohereje abigishwa be kubwiriza, kandi ubwo bagarukaga bavuye mu ivugabutumwa ryabo rya mbere kandi bakaba bari bafite inararibonye zitandukanye bagombaga guhuza zijyanye n’intsinzi mu kubwiriza ubutumwa bwiza bw’ubwami bw'Imana, Yarababwiye ati “Muze mwenyine ahiherereye, aho abantu batabа muruhuke ho hato.” Ubwo bari ahantu hitaruye, Yesu yahaye abayoboke be ikigisho, inama, imbuzi, n’amagambo yo kubakosora akurikije ibyari bikenewe mu buryo bakoraga umurimo wabo. Ariko ikigisho yabahaye icyo gihe, nticyagombaga kugezwa ku ikoraniro rinini uko ryakabaye, bitewe n’uko amagambo Ye yari agenewe gusa abigishwa be.

Incuro nyinshi, igihe Umwami yabaga yakoze imirimo yo gukiza, yategekaga abo yabaga yahaye umugisha kutagira uwo babwira icyo yabakoreye. Bagombaga kuba baritaye ku mabwiriza ye kandi bagatahura ko Kristo atabasabye guceceka adakomeje, ko ahubwo yari afite impamvu yo kubaha iryo tegeko, kandi bagombaga rwose kutirengagiza icyifuzo Cye yari yagaragaje. Byagombaga kuba bibahagije kumenya ko yifuzaga yuko bubahiriza inama yari yabageneye ubwabo, kandi ko yari afite impamvu nzizo zo kubaha icyifuzo cye cyihutirwa.

Umwami yari azi ko mu gukiza abarwayi, mu gukora ibitangaza byo guhumura impumyi, no gukiza ababembe, yashyiraga ubuzima bwe mu kaga; kuko iyo abatambyi n’abategetsi baramuka

batakiriye ibimenyetso yabahaye birebana n'umurimo we mvajuru, byari gutuma bawumva nabi, bakamuhimbira ibinyoma, kandi bakamushyiraho ibirego. Ni iby'ukuri ko yakoze ibitangaza byinshi ku mugaragaro, nyamara mu bihe bimwe na bimwe yasabye abo yabaga yahaye umugisha kutagira uwo babwira ibyo yabakoreye. Igihe urwikekwe rwabyutswaga, ishyari no kurarikira bikimakazwa, kandi inzira ye ikazitirwa, yavuye mu migi maze ajya gushaka abajyaga kumva no kwishimira ukuri yari yaraje gutanga.

Umwami Yesu yatekereje ko ari ngombwa guhishurira abigishwa be ibintu byinshi atigeze ahishurira rubanda. Yabahishuriye yeruye impamvu y'urwango yari afitiwe n'abanditsi, Abafarisayo, n'abatambyi, kandi ababwira iby'imibabaro, kugambanirwa ndetse n'urupfu bye; nyamara ntiyigeze ahishurira abatuye isi muri rusange ibi bintu mu buryo bweruye. Yari afite imiburo yo guha abayoboke be, kandi yabahishuriye ibintu biteye agahinda byari kuzakurikiraho, n'ibyo bagombaga kwitega. Yahaye abayoboke be ibyigisho by'agaciro, ibyo batigeze babasha no gusobanukirwa mbere y'urupfu, kuzuka no kujyanwa mu ijuru Bye. Igihe Umwuka Wera yabasukirwaga, ibintu byose yari yarababwiye, barabyibukijwe.

## Kugambanira Icyizere

Gufata ibyo Yesu yagennye ko biba ibanga, ukabimurikira abandi, maze bigatukisha kandi bigakomeretsa ukuri; byari ukugambanira icyizere cyera. Umwami yahaye ubwoko bwe ubutumwa bukwiriye bw'umuburo, gucyaha, inama, no kwigisha, ariko gufata ubu butumwa ukabukura aho bwagenewe kujyanwa maze ukabushyira aho buzasa nk'aho bwongera imbaraga ubutumwa bw'amafuti, ntabwo bikwiriye. Muri "pamphlet" yasohowe na mwene Data S. hamwe n'abo bafatanyije, ashinja itorero ry'Imana ko ari Babuloni, kandi ararikira abantu kwitandukanya n'itorero. Uyu umurimo nturangwa no kubonera cyangwa gukiranuka. Mu gutegura iriya nyandiko, bakoresheje izina ryanjye n'inyandiko zanjye, kugira ngo bashyigikire ibyo ntemera kandi namagana mvuga ko ari amafuti. Abantu iyi "pamphlet" izageraho, bazanshinja ko ari njye nyirabayazana w'iyi nyigisho ipfuye, mu gihe yose uko yakabaye ihabanye n'ibyo inyandiko zanjye zigisha ndetse n'umucyo Imana yampaye. Ntabwo natinya kwerura ngo mvuge ko abari gushyigikira uyu murimo bayobejwe bikomeye.

## Ubutumwa Bupfuye

Mu myaka myinshi, nagiye ntanga ubuhamya bw'uko igihe hagize umuntu uhaguruka avuga ko afite umucyo ukomeye, nyamara akamamaza ubutumwa busenya ibyo Umwami amaze igihe yubaka binyuze mu bakozi be, aba yarashutswe bikomeye, kandi ko aba atari gukorera mu cyerekezo Kristo ari gukoreramo. Abigisha rwose ko amatorero y'Abadiventiste b'umunsi wa

Karindwi agize Babuloni, cyangwa ko ari agace runaka mu tugize Babuloni, byaba byiza bigumiye mu rugo. Nibarekere aho, maze bite ku butumwa bugomba gutangazwa muri iki gihe.

Mu cyimbo cyo gukorana n'abakozi mvajuru kugira ngo bategure ishyanga rizabasha guhagarara ku munsi w'Imana, bagiye ku ruhande rumwe n'urw'umurezi wa bene Data, ubarega imbere y'Imana ku manywa na nijoro. Ingabo za satani zatumwe kugendagenda mu isi, maze zirehereza abantu kurema urwiyunge rw'ikibi, kugira ngo bateze urujijo, basebye, kandi batere ubwoko bw'Imana umubabaro ukomeye. Isi yose izuzurwamo n'umwuka wo kwanga Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi, kubera ko batazayoboka ubupapa, binyuze mu kubahiriza Icyumweru, ari cyo kimenyetso cy'ububasha bwa Antikristo. Ni intego ya Satani gutuma bahanagurwa ku isi, kugira ngo kwigarurira isi kwe bizabe ibitagishwa impaka.

## Ibirego Bya Satani

Ipica yo kuregana kwa Satani yagaragarijwe umuhanuzi. Yaravuze ati: "Maze anyereka Yosuwa umutambyi mukuru ahagaze imbere ya marayika w'uwiteka, na Satani ahagaze iburyo bwe ngo amurege." Yesu ni Umutambyi wacu mukuru mu ijuru. Mbese ahakora iki? Arimo gusabira no guhongerera abantu be bamwizera. Binyuze mu gukiranuka kwe babarwaho, bemerwa n'Imana nk'abagaragariza isi ko bemeye kuyoboka Imana, bagakurikiza amategeko yayo yose.

Satani abafitiye urwango rw'umuranduranzuzi, kandi abagaragariza umwuka umeze nk'uwo yagaragarije Yesu Kristo igihe yari ku isi. Igihe Yesu yari imbere ya Pilato, uyu mutegetsi w'umuroma yashakaga uburyo bwo kumurekura, maze yifuza ko abantu baza guhitamo kurekura Yesu mu gikorwa yendaga kubakorera cy'umugenzo bari baramenyereye wo kubabohorera imbohe imwe uko umwaka utashye. Imbere y'imbaga yasakuzaga cyane, yabashyize imbere Umwana w'Imana n'igisambo Baraba, maze ararabaza ati, "Uwo mushaka ko mbabohorera ni nde? Ni Baraba, cyangwa ni Yesu witwa Kristo?" Bati "ni Baraba." Pilato arabasubiza ati "Yesu witwa Kristo ndamugira nte?" bose bati "Nabambwe!"

Isi yari yuzuwemo n'urwango rwa Satani, maze igihe basabwaga guhitamo hagati y'Umwana w'Imana n'igisambo Baraba, bahisemo umujura aho guhitamo Yesu. Imbaga y'abantu b'abapfapfa, yayobowe n'imitekerereze ishukana y'abari bari mu nyanya yo hejuru, maze ihitamo kwanga Umwana w'Imana no guhitamo umujura n'umwicanyi mu cyimbo cye. Mureke twese twibuke ko tukiri mu isi aho Yesu, Umwana w'Imana, yanzwe akanababambwa ku musaraba, kandi aho igishinja cyo gupfobya Kristo no guhitamo umujura mu cyimbo cya Ntama w'Imana utagira inenge, kikiri.

Keretse gusa nitwihana imbere y'Imana buri wese ku giti kubera gucumura ku mategeko yayo, kandi tukarangwa no kwizera Umwami wacu Yesu Kristo, uwo isi yanze; naho ubundi

tuzabarwaho umugayo wuzuye wagombaga gushyirwa ku gikorwa cyo guhitamo Baraba mu cyimbo cya Kristo. Uyu munsi, isi yose ihagaze ishinjwa kwanga kugambiriwe no guhotora umwana w'Imana. Ibyanditswe birimo amateka agaragaza ko Abayuda n'Abanyamahanga, abatware, abagabura, abatambyi, n'abantu b'amoko yose n'imyizerere yose, barangwa na wa mwuka w'ishyari, urwango, urwikekwe, no kutizera byagaragajwe na ba bandi bishe Umwana w'Imana, yuko na bo baramutse bahawe amahirwe, bakora ibimeze nk'ibyo Abayuda n'abantu bo mu gihe cya Yesu bakoze. Na bo barangwa na wa mwuka wasabaga ko Umwana w'Imana agomba gupfa.

Mu ipica igaragaza umurimo Kristo adukorera, no kuregana kumaramaje Satani adukorera, Yosuwa ahagaze nk'umutambyi mukuru, kandi asabira abantu b'Imana bubahiriza amategeko yayo. Muri uwo mwanya kandi, Satani na we agaragaza ubwoko bw'Imana nk'abanyabyaha ruharwa, kandi akerekana imbere y'Imana urutonde rw'ibyaha yabagushijemo mu mibereho yabo yose, maze agasaba ko bitewe n'ibicumuro byabo bogomba gushyirwa mu biganza bye kugira ngo abarimbure. Asaba ko batagomba kurindwa n'abamarayika bakorera kurwanya urwiyunge rw'ikibi. Yuzuye umujinya kubera ko adashobora guhambira ubwoko bw'Imana mu miba hamwe n'abi, kugira ngo bitume isi yose imuyoboka mu buryo bwuzuye. Abami, abategetsi n'abatware, bishyizeho ikimenyetso cya antikristo, kandi bagaragazwa nk'ikiyoka cyagiye kurwanya abera bubahiriza amategeko y'Imana kandi bakagira kwizera kwa Yesu. Mu rwango bagirira abantu bw'Imana, banigaragariza ko ubwabo ko bahamwa n'icyaha cyo guhitamo Baraba mu cyimbo cya Kristo.

## Isi Ihamagarirwa Kwisobanura

Imana ifitanye n'isi urubanza rukomeye. Igihe urubanza ruzashingwa, ibitabo bikabumburwa, Izagaragaza amateka mabi cyane yakozwe n'abatuye isi, amateka akwiriye gutuma isi ya none itahwa n'ubwoba kandi igahinda umushyitsi. Iyaba abantu batarahumishijwe kandi ngo bashukwe n'ibinyoma n'ibishuko bya Satani. Imana izahamagarira isi kwisobanura kubw'urupfu rw'Umwana wayo wikinege, uwo isi yagambiriye mu buryo bwose bushoboka kumubamba, kandi na none ikamukoza isoni binyuze mu kurenganya abantu be. Isi yanze Kristo binyuze mu kwanga abera Be, mu kwanga ubutumwa bw'abahanuzi be, ubw'abigishwa be n'ubw'intumwa ze. Abatuye isi banze abahoze bakorana na Kristo, kandi kubw'ibyo, bazaba bagomba kwisobanura.

## Umurezi Acyahwa

Satani ahagaze nk'uhagarariye abarezi bose ba bene Data; ariko se iyo yerekanye ibyaha by'abantu b'Imana, ni iki Umwami amusubiza? Aravuga ati "Uwiteka aguhane, yewe Satani [Ntabwo byabwiwe Yosuwa uhagarariye abantu batoranyijwe n'Imana bahura n'ibigeragezo, ahubwo

byabwiwe Satani]. Ni koko Uwiteka watoranyije i Yerusalemu aguhane. Mbese uwo si umushimu ukuwe mu muriro? Kandi Yosuwa yari yambaye imyenda y'ibizinga, ahagaze imbere ya marayika."

Satani yari yagaragaje abantu b'indahemuka batoranyijwe n'Imana nk'abuzuye ibizinga n'ibyaha. Yashoboraga kwerekana ibyaha byihariye bari barakoze. Mbese ntiyari yarahurije hamwe urwiyunge rw'ikibi kugira ngo rugushe aba bantu muri ibi byaha byabo binyuze mu buhendanyi bwe bureshya? Ariko barabyihannye, kandi bari barakiriye gukiranuka kwa Kristo.
Kubw'iyo mpamvu, bari bahagaze imbere y'Imana bambaye imyenda yo gukiranuka kwa Kristo, kandi "Abwira abari bamuri imbere ati 'Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga.' Maze abwira Yosuwa ati 'ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane.'" Icyaha cyose bari barakoze cyari cyarababariwe, kandi bari bahagaze imbere y'Imana nk'abatoranijwe, b'ukuri, kandi batunganye nk'abatigeze na rimwe bakora icyaha.

## Ijambo Ryo Gutera Umwete

"Ndategeka nti 'Nimumwambike igitambaro cyiza mu mutwe.' Nuko [abamarayika b'Imana] bamwambika igitambaro cyiza mu mutwe, bamwambika n'imyenda. Marayika w'Uwiteka yari ahagaze aho. Kandi marayika w'Uwiteka yahagaze iruhande rwa Yesu Umucunguzi wabo. Marayika w'Uwiteka ahamiriza Yosuwa cyane ati 'Uwiteka Nyiringabo aravuze ati 'Nuko nugendera mu nzira zanjye kandi ukitondera ibyo nagutegetse, nawe uzacira inzu yanjye imanza n'ibikari byanjye uzabirinda, nanjye nzagushyira mu byegera muri aba bahagaze aha. '"

Nifuza ko abantu bose bavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe batekereza bakomeje ku bintu bitangaje byagaragajwe muri iki gice. Uko abana b'Imana baba abanyantegenke bate kandi bakaba buzuwe n'inenge, nibahindukira bakava mu kutubaha Imana kuranga iki gisekuru cyononekaye kandi cyuzuye gukiranirwa, hanyuma bakagaruka mu kuyoboka Imana kwabo, bagashikama mu kwerereza amategeko yera y'Imana, bagasiba icyuho cyaciwe n'umwana wo kurimbuka ayobowe na Satani, bazahabwa ubushobozi bwo kuba abana b'Imana, kandi binyuze mu gukiranuka kwa Kristo bazahagarara imbere y'Imana batagira ikizinga. Ntabwo ukuri kuzahora mu mukungugu ngo bagusiribange. Kuzahabwa imbaraga kandi kubahwe; kandi kuzabyuka kurabagirane mu bwiza bwako bwose, ndetse kuzahagarara kwemye iteka n'iteka. *Review and Herald*, Aug. 22, 29, 1893. Byongeye gucapwa muri *Testimonies to Ministers*, pages 32-41.

## Itorero Si Babuloni

Imana ifite ishyanga ab'ijuru bose bahanze amaso, kandi ni ryo kintu cyonyine mu isi Imana yitaho kurenza ibindi byose. Reka buri muntu wese usoma aya magambo ayazirikane byimbitse, kuko nakifuje kuyashimangira muri buri mutima mu izina rya Yesu. Igihe hagize umuntu uhaguruka, yaba umwe muri twe cyangwa uwo hanze, akaba yabujijwe amahwemo n'ubutumwa buvuga ko abantu b'Imana bari mu bagize Babuloni, kandi akavuga ko ijwi rirenga ari iryo guhamagarira abantu kuyisohokamo; muzamenye ko adafite ubutumwa bw'ukuri. Ntimuzamwemere cyangwa ngo mumwifurize umugisha; kuko Imana itigeze ivugana na we, habe no kumuha ubutumwa, ahubwo yarihuse mbere yo gutumwa.

Ubutumwa bukubiye mu nyandiko nto "pamphlet" yiswe Ijwi rirenga, ni igishuko. Ubutumwa nk'ubwo buzakomeza kuza, kandi bizajya bivugwa ko ababuvuga boherejwe n'Imana, ariko iyo mvugo izaba ari ikinyoma; kuko batujujwemo umucyo, ahubwo bujujwemo umwijima. Hazabaho ubutumwa bwo kurega ubwoko bw'Imana, buhwanye n'umurimo wakozwe na Satani wo kurega ubwoko bw'Imana, kandi ubu butumwa buzatangazwa mu gihe nyirizina Imana izaba irimo kubwira ubwoko bwayo iti, "Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye. Dore umwijima uzatwikira isi, umwijima w'icuraburindi uzatwikira amahanga, ariko Uwiteka azakurasira kandi ubwiza bwe buzakugaragaraho."

### Umurimo Wo Kuyobya

Bizagaragara yuko abatwaye ubutumwa bw'ibinyoma bazarangwa no kutaba ku rwego mu rwiza mu bijyanye no kuba inyangamugayo no kuba imbonera. Bazashuka abantu, kandi amafuti yabo bazayavanga n'*Ibihamya* bya mushiki wacu White, kandi bazakoresha izina rye kugira ngo bongerere imbaraga umurimo wabo. Batoranya amagambo amwe n'amwe yo mu *Bihamya* mu buryo babona bwatuma babihindurira icyerekezo kugira ngo bashyigikire uruhande rwabo, maze bakabishyira mu cyerekezo gipfuye kugira ngo amafuti yabo ahabwe uburemere kandi yemerwe n'abantu. Basobanura nabi kandi bagakoresha nabi ibyo Imana yahereye itorero kuburira, kugira inama, gucyaha, guhumuriza, no gutera umwete abazaba bagize ubwoko bw'Imana bwasigaye.

Abakira *Ibihamya* nk'ubutumwa bw'Imana bazafashwa kandi bahabwe umugisha kubw'iyo mpamvu; ariko abifashisha uduce twabyo, kugira ngo gusa bashyigikire zimwe mu nyigisho cyangwa ibitekerezo byabo bwite, no kugira ngo bikomereze mu nzira yabo y'amafuti, ntibazahabwa umugisha cyangwa ngo bagirirwe umumaro n'ibyo byigisha.

Kwigisha ko Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi ari Babuloni, ni ugukora ikirego nk'icyo Satani akora, ari na we murezi wa bene Data ubarega imbere y'Imana ijoro n'amanywa. Kubwo gukoresha nabi *Ibihamya*, imitima y'abantu ishyirwa mu rujijo, kubera ko batabasha

gusobanukirwa isano iri hagati y'*Ibihamya* n'ubutumwa bumeze butyo nk'uko bamwe babufata iyo bibeshye; kandi ibi biterwa n'uko Imana yari yagennye ko *Ibihamya* bigomba guhora iteka biri mu cyerekezo cyo kwigisha ukuri.

Abigisha ibyo binyoma bazavuga bati, "Ni ko Uwiteka yavuze," "kandi ari ntacyo Uwiteka yavuze." Bahamya ibinyoma aho guhamya ukuri. Abahoze batangaza ubutumwa bw'uko Itorero ari Babuloni, iyaba amafaranga bakoresheje mu gucapa no gukwirakwiza iki kinyoma yarakoreshejwe mu gusana aho gusenya, bari kuba baragaragaje rwose ko ari abantu Imana iyoboye.

Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu isi, umurimo ukomeye wo gukorwa mu turere two mu mahanga. Amashuri agomba kubakwa kugira ngo urubyiruko, abana, ndetse n'abakuze babashe kwigishwa vuba bishoboka kugira ngo binjire mu murimo wo kwamamaza ubutumwa mu mahanga. Ntabwo hakenewe gusa abagabura bo gukorera mu mahanga, ahubwo hakenewe n'abakozi b'uburyo bwose b'abanyabwenge kandi bafite ubushishozi.

Ijwi ritabaza ryo muri Makedoniya ririmo kumvikana mu bice byose by'isi rivuga riti, "Muze hano, . . . maze mudufashe." Bitewe n'inshingano zose zitureba zo kujya kwigisha abaremwe bose ubutumwa bwiza, hariho ubukene bukomeye bw'abantu ndetse n'ubushobozi, nyamara Satani ari ku murimo mu buryo bwose bw'ubuhendanyi kugira ngo ahurize hamwe uburyo, kandi abuze abantu gukora umurimo bakabaye barimo gukora.

Amafaranga yakagombye gukoreshwa mu gukora umurimo wo kubaka insengero, kubaka amashuri agenewe guteguriramo abakozi bazajyana ubutumwa mu mahanga, kubaka amashuri azafasha gushimangira mu bwenge bw'abasore n'inkumi ubumenyi buzabashoboza kujya mbere no gukora bihanganye, bagakorana ubwenge no kwihangana kose kuzababashishisha guhinduka imiyoboro yatuma abantu bitegura guhagarara mu munsi ukomeye w'Imana, [ayo mafaranga] arayobywa akavanwa mu nzira yo kuba ingirakamaro n'umugisha hanyuma agashyirwa mu nzira y'ikibi no guteza imivumo.

Umunsi ukomeye w'Imana uratwegereye, uri kugenda udusatira mu buryo bwihuse, kandi hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa, ndetse ugakorwa vuba. Nyamara mu bugari bw'umurimo ugomba gukorwa, harimo abavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe batazi gukoresha neza ubushobozi baragijwe, kandi bitewe no kubura ubugwaneza no kwiyoroshya mu mutima, ntibabona ukuntu umurimo ugomba gukorwa ukomeye.

Abantu bose bigira kuri Yesu, bazaba abakorana n'Imana. Ariko abahaguruka bakajya gutangaza amafuti, bagakoresha igihe n'amafaranga mu murimo w'imfabusa, bashyira umutwaro uremereye ku bakozi nyakuri bakorera mu turere dushya; bitewe n'uko mu cyimbo cyo gukoresha igihe cyabo

mu kurwanirira ukuri, bisanga bafite inshingano yo kubanza kurwanya umurimo w'ababa barimo gutangaza ibinyoma kandi bakavuga ko bafite ubutumwa bahawe n'ijuru.

Iyaba abakoze uyu murimo umeze utya biyumvagamo uburyo bikenewe gusubiza isengesho rya Kristo yagejeje kuri Se mbere gato yo kubambwa kwe, asaba ko abigishwa ba Kristo baba umwe nk'uko na we ari umwe na Se; ntabwo bakabaye barimo gupfusha ubusa ubushobozi baragijwe kandi bwari bukenewe cyane mu kwamamaza ukuri. Ntabwo bakabaye barimo gupfusha ubusa umwanya n'ubushobozi by'igiciro mu gukwirakwiza amafuti, ari byo bituma biba ngombwa ko umukozi w'Imana akoresha igihe cye mu guhangana no guhashya ingaruka z'ayo mafuti. Umurimo ufite imiterere imeze itya, ntabwo uba wahumekewe n'ijuru, ahubwo uba wahumekewe na Satani.

"Ni nde wo muri mwe wubaha Uwiteka akumvira umugaragu we? Ugenda mu mwijima adafite umucyo niyiringire izina ry'Uwiteka, kandi yishingikirize ku Mana ye. Yemwe abacana mwese, nimukikize imuri impande zose, nimugendere mu mucyo w'umuriro wanyu no mu w'imuri mukongeje. Ibyo mbageneye ni ibi: muzaryamana umubabaro." Ubutumwa bwatanzwe n'abatangaje ko itorero ari Babuloni, bwatumye bigaragara nk'aho nta torero Imana ifite ku isi.

## Itorero Rizima

Mbese Imana ntifite Itorero rizima? Ni ukuri ko ifite itorero, ariko ni itorero riri ku rugamba, si itorero ryanesheje. Tubabajwe n'uko harimo abizera b'abanyantege nke cyane; abo ni bo rukungu mu masaka. Yesu yaravuze ati "Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we, nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda... Abagaragu be baraza babaza umutware bati 'Mutware, ntiwabibye imbuto nziza mu murima wawe? None urukungu rurimo rwavuye he?' Ati 'Umwanzi ni we wagize atyo.' Abagaragu be baramubaza bati 'Noneho urashaka ko tugenda tukarurandura?' Na we ati 'Oya, nimubireke. Ahari nimurandura urukungu murarurandurana n'amasaka, mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa. Mu isarura nzabwira abasaruzi nti: Mubanze muteranye urukungu muruhambire imitwaro rutwikwe, maze amasaka muyahunike mu kigega cyanjye.'"

Mu mugani w'amasaka n'urukungu, tuhabona impamvu urukungu rutagombaga kurandurwa; kandi kwari ukugira ngo rutaranduranwa n'amasaka. Imitekerereze ya kimuntu n'imirebere ye byajyaga gutuma hakorwa amakosa akomeye. Ariko aho kugira ngo hakorwe ikosa, maze ritume ihundo rimwe ry'isaka rirandurwa, Umutware yaravuze ati, "mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa;" hanyuma abamarayika bazakoranyiriza hamwe urukungu, ari rwo ruzajyanwa gutwikwa. Nubwo mu matorero yacu, tuvuga ko twizera ukuri gukomeye, harimo abataboneye n'abanyamafuti, nk'uko urukungu ruri mu masaka, ariko Imana itinda kurakara kandi irihangana. Icyaha kandi ikaburira abanyamafuti, ariko ntirimbura abafite inyota yo kwiga isomo iba yifuza

kubigisha; ntabwo Irandura urukungu ruri mu masaka. Urukungu n'amasaka bigomba gukurana kugeza igihe cy'isarura, ubwo amasaka azaba amaze gukura bihagije, kandi bitewe n'imiterere yayo agira amaze guhisha, bizagaragara ko atandukanye by'ihabya n'urukungu.

Itorero rya kristo ku isi rizaba ridatunganye, ariko Imana ntisenya itorero ryayo kubera kudatungana kwaryo. Habayeho kandi hazakomeza kubaho abafite ishyaka ritava mu bwenge ryo kweza itorero, maze barandure urukungu ruri mu masaka. Nyamara Kristo yatanze umucyo wihariye w'uburyo bwo kwitwara imbere y'abagwa mu mafuti, n'abatarahindutse bari mu itorero. Mu guheza abo itorero ritekerezako bafite imico idatunganye, ntibikwiriye gukorwa mu buryo butitondewe, bwa hutihuti, cyangwa ngo bibe aricyo cyifuzo gishyirwa imbere mu bizera b'itorero. Urukungu ruzaboneka mu masaka. Keretse gusa bikozwe mu buryo Imana yateganyije, naho ubundi kurandura urukungu, bizangiza amasaka kuruta uko rwarekerwamo.

Mu gihe Umwami azana mu itorero abahindutse by'ukuri, Satani na we azana abantu batahindutse abayoboke baryo by'ukuri. Mu gihe Kristo abiba imbuto nziza, Satani we abiba urukungu. Hari imbaraga ebyiri zihanganye zihora zireherezaho abagize itorero. Imbaraga imwe iri gukorera kweza itorero, naho indi iri gukorera kwangiza abantu b'Imana.

Yesu yari abizi ko Yuda afite imico itaboneye, ariko atitaye kuri ibi, yamwakiriye nk'umwe mu bigishwa be, maze amuha amahirwe n'imigisha yihariye bihwanye n'ibyo yahaye abandi bigishwa yari yaratoranyije. Yuda nta rwitwazo yari afite rwo kujya mu nzira mbi y'ikibi, yayindi yaje gukurikira hanyuma. Yuda yashoboraga kuba Ukora iby'ijambo, nk'uko Petero, Yakobo, Yohana n'izindi ntumwa baje kubikora ku iherezo. Yesu yari yaratanze amasomo y'igiciro, kugira ngo abifatanyije na we babashe kuba bari barahindutse, kandi be kugira impamvu yatuma bagundira inenge zahindanyije imico yabo. *Review and Herald*, Aug. 29, Sept. 5, 1893. Byongeye gucapwa muri *Testimonies to Ministers*, pages 41- 47.

## Itorero Riri Ku Rugamba

Bamwe bibwira ko bibahagije kwinjira mu Itorero maze ibyari bikenewe byose bikūzuzwa, kandi kuva ubwo bagahura n'abantu bafite kwera kandi bashyitse. Abo bantu bafite umwete mu kwizera kwabo, iyo barabutswe amafuti mu mibereho y'abizera b'itorero, baravuga bati "Twavuye mu isi tugira ngo tutazongera kugira aho duhurira n'abanyangeso mbi, none na hano ibibi birahari" maze bakabaza nka ba bagaragu bo mu mugani ngo none urukungu rurimo rwavuye he? Ariko ntitugomba kudohoka dutyo, kuko Uwiteka atigeze "atwizeza ko Itorero ryaba rishyitse; kandi ko ishyaka ryacu ryose ritahindura itorero riri ku rugamba ngo ribe iryera nk'iryatsinze urugamba." Umwami atubuza kurangwa n'imyitwarire ikomeretsa abo twibwira ko ari abanyamafuti, kandi ntabwo tugomba gushyira imbere guheza no kwamagana abaguye mu makosa.

Umuntu upfa abasha kwibeshya mu buryo bworoshye ku bijyanye no gucira urubanza imico y'undi, nyamara Imana ntirekera mu biganza by'abatabikwiriye umurimo wo gucira urubanza no kugaya imico by'abandi. Ntabwo tugomba kuvuga ibigize amasaka n'ibigize urukungu ibyo ari byo. Igihe cy'isarura kizagaragaza mu buryo bwuzuye imiterere y'ibyiciro byombi byerekanywe mu ishusho y'urukungu n'amasaka. Umurimo wo kubitandukanya wahariwe abamarayika b'Imana, kandi ntabwo washyizwe mu biganza by'umuntu uwo ariwe wese.

Inyigisho ipfuye ni imwe mu bihimbano bya Satani bikorera mu itorero, kandi birizanamo abatarahindutse mu mutima. Abantu ntibumvira ijambo rya Yesu kristo, ariko kandi ugasanga bashaka ubumwe mu kwizera, mu mwuka, no mu nyigisho. Ntibaharanira kugira ubumwe bw'umwuka Kristo yasengeye, ari bwo bwajyaga gutuma ubuhamya bw'abigishwa ba Kristo bugera ku ntego mu birebana no kwemeza isi ko Imana yohereje Umwana Wayo mu isi, "kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Iyaba ubumwe Kristo yasengeye bwari buriho mu bwoko bw'Imana, barangwa n'ubuhamya buzima, kandi bakohereza umucyo urabagirana hagati mu mwijima w'iby'umwuka ubundikiriye isi.

### Satani Yemerewe Gushuka

Mu cyimbo cy'ubumwe bwagakwiriye kubaho mu bizera, harimo kwirema ibice bitewe n'uko Satani yemerewe kwinjiramo, maze binyuze mu bishuko bye bireshya n'ubuhendanyi bwe akayobora abarangwa no kutigira ku bugwaneza no kugira umutima woroheje bya Kristo, mu murongo utandukanye n'uw'itorero, kandi iyo bimukundiye asenya ubumwe bw'itorero.

Abantu barahaguruka bakavuga ibintu bishishana kugira ngo bireherezeho abigishwa. Bavuga ko Imana yabahaye umucyo ukomeye, ariko se ni gute uwo mucyo utuma bitwara? Mbese bakora ibyo abigishwa babiri bakoze mu rugendo rwabo rugana Emawusi? Ubwo bakiraga umucyo,

basubiye aho bari baturutse maze babona abo Imana yari yarayoboye kandi yari ikiyoboye, maze bababwira uburyo bari babonye Yesu kandi bakavugana na We.

Mbese aba bantu bavuze ko Imana yabahaye umucyo ukomeye urebana n'itorero, bigeze bakora ibisa nk'ibi? Mbese bigeze basanga abo Imana yatoranyirije kwerekana ubuhamya buzima, maze babaha igihamya cy'uko uyu mucyo watuma barushaho kuzuza ibisabwa byo gutegura ishyanga rizabasha guhagarara ku munsi ukomeye w'Imana? Mbese bigeze bashaka inama y'abahoze kandi n'ubu bakaba bamamaza ukuri kandi bakageza ku isi ubutumwa buheruka bw'umuburo? Mbese bigeze bagisha inama abari baragize inararibonye yimbitse mu bintu by'Imana? Kubera iki aba bantu bahoze buzuye ishyaka ry'umurimo w'Imana batigeze bagaragara mu nama y'Inteko nkuru Rusange yabereye i Battle Creek nk'uko byari bimeze ku bantu bari bariyeguriye Imana i Yerusalemu mu gihe cyo gusukwa kwa Mwuka Wera? Ku ruhembe rw'imbere rw'umurimo, abantu bafunguye ubutunzi bwabo bw'umucyo.

Mbese aba bantu bigeze bakira ugusigwa mvajuru ubwo Umwami yari ari gusuka Umwuka We ku bantu be? Mu gihe kugendererwa n'Umwuka Wera kwibwitse kwagaragariraga mu bantu, kandi imitima igahindurwa; hariho abari bateze amatwi inama za Satani, kandi bujujwemo ishyaka ry'ikuzimu ryo guhaguruka bagatangaza ko abantu nyirizina barimo kwakira Mwuka Wera kandi bategereje no kwakira imvura y'itumba n'ubwiza buzamurikira isi yose, ko ari Babuloni. Mbese ubutumwa bw'izi ntumwa babuhawe n'Umwami? Oya, kuko atari ubutumwa bw'ukuri.

## Itorero Umucyo W'isi

N'ubwo mu Itorero harimo ibibi, bizagumaho kugeza ku iherezo ry'isi. Muri ibi bihe biheruka, Itorero rigomba kuba umucyo w'isi yanduye kandi yononwe n'icyaha. Iryo Torero ry'irinyantege nke kandi rifite amakosa, itorero rikeneye gucyahwa, kubūrirwa, kugīrwa inama, ni ryo Kristo ahanzeho amaso mu buryo buheranije.

Isi ni uruganda Yesu ari gusuzumiramo imitima y'abantu akoresheje ubuntu Bwe n'imbabazi Ze mvajuru binyuze mu gukorana kw'abantu n'intumva mvajuru. Abamarayika baratangara iyo babonye guhinduka kw'imico kwabaye mu biyeguriye Imana, maze bakagaragaza umunezero wabo mu ndirimbo no guhimbaza Imana n'Umwana w'Intama mu buryo bwuje ibyishimo. Babona ukuntu abahoze ari abo kurimbuka bahinduka kandi bakaba abakorana na Kristo mu kuzana imitima ku Mana. Babona ukuntu abahoze mu mwijima bahinduka imuri zo kumurika mu gicuku cy'iby'umwuka kiranga igisekuru cyononekaye. Bababona bahinduka abateguwe n'inararibonye nk'iya Kristo yo kubabarana n'Umwami wabo, maze ku iherezo bagasangira na We ubwiza bwe mu ijuru.

Imana ifite itorero mu isi ririmo kwerereza amategeko yasiribanzwe, kandi rigahishurira isi Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Itorero ni ikigega cy'ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo, kandi binyuze mu itorero, amaherezo isi izahishurirwa urukundo rw'Imana rwuzuye kandi ruheruka rugomba kuyimurikishiriza icyubahiro cyarwo. Isengesho rya Kristo ry'uko itorero rye ryaba umwe nk'uko We na Se ari umwe, amaherezo rizasubizwa. Inkwano ikungahaye y'Umwuka Wera izatangwa, kandi binyuze mu guhora igezwa ku bantu b'Imana, bazahinduka abahamya b'imbaraga y'Imana mu isi kugeza ku gakiza k'iteka.

## Umurimo Wo Gusenya

Muri iki gihe, hari Itorero rimwe gusa mu isi yose rihagaze mu cyuho, kandi ririmo gukora uruzitiro no gusana amatongo ya kera; kandi gutangariza isi n'andi matorero ko iri torero ari Babuloni, ni ugukora umurimo uhuje rwose n'uw'umurezi wa bene Data. Mbese birashoboka ko muri twe hazahaguruka abantu, bavuga ibintu bishishana, kandi bakamamaza ibyifuzo nyirizina Satani aba yifuza ko bikwirakwira mu isi ku birebana n'abubahiriza amategeko y'Imana, kandi bakagira kwizera nk'ukwa Yesu? Mbese nta murimo uhari uhagije wanyura ishyaka ryanyu binyuze mu kugeza ukuri ku bantu bari mu mwijima w'icyaha? Nk'abagizwe ibisonga by'ubutunzi n'ubushobozi, mwakoresheje nabi impano z'Umwami wanyu mu gukwirakwiza amafuti. Isi yose yuzuwe n'urwango ifitiye abamamaza amabwiriza ntakuka yo mu mategeko y'Imana, kandi kubw'ibyo, itorero ryubaha Yehova rigomba kurwana intambara idasanzwe. "Kuko tudakirana n'abafite umubiri n'amaraso, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru." Abafite urwego runaka basobanukiweho icyo iyi ntambara isobanuye, ntibazerekeza intwaro zabo ku itorero riri ku rugamba, ahubwo bakoresheje imbaraga zabo zose bazafatanya n'abantu b'Imana mu gukirana n'urwiyunge rw'ikibi.

Abahaguruka bagatangira kwigisha ubutumwa ku giti cyabo, bagakomeza gukora umurimo wo gusenya ibyo Imana imaze imyaka myinshi yubaka kandi bakabikora nk'aho ari inshingano bahawe y'umwihariko, ndetse bakabikora mu gihe bavuga ko bigishwa kandi bayoborwa n'Imana, ntabwo bakora ibihuje n'ubushake bw'Imana. Mumenye ko aba bantu bari ku ruhande rw'umushukanyi ukomeye. Ntimukabizere. Barimo kwihuza n'ingabo z'umwanzi w'ukuri akaba n'umwanzi w'Imana. Bazapfobya gahunda y'umurimo maze bayite "imikorere y'ubutambyi bwa gisatani". Bitewe n'uko kuyoba kwabo, n'ubwo bakoresha *Ibihamya* bate kandi bagashakisha uburyo bwose bwo kwerekana ko bibashyigikira, ntimugakurikire ubutumwa bwabo. Ntimukabemere, kuko Imana itigeze ibaha inshingano zo gukora uyu murimo. Ingaruka z'umurimo nk'uwo zizaba kutizera *Ibihamya*, kandi, mu ku rwego rwo hejuru rushoboka, byazatuma umurimo namaze imyaka myinshi nkora utagira ingaruka n'imwe uteza mu bantu.

Hafi y'ubuzima bwanjye bwose niyeguriye uyu murimo, ariko umutwaro wanjye wakunze kuremerezwa n'abantu bahagurukaga bakajya gutangaza ubutumwa Imana itabahaye. Iri tsinda

ry’abakozi b’umubi, ryafashe amagambo amwe n’amwe yo mu *Bihamya*, maze riyakoresha mu cyerekezo kidakwiriye, kugira ngo binyuze muri ubu buryo rishyigikire ubuhamya bwaryo bupfuye. Igihe hagaragajwe ko ubutumwa bwaryo atari ubw’ukuri, bituma *Ibihamya* byahujwe n’ayo mafuti bisangira umugayo; kandi abantu batuye isi batazi ko *Ibihamya* byakoreshejwe ari amagambo amwe n’amwe yakuwe mu mabaruwa nandikiye abantu ku giti cyabo maze agakoreshwa ntabizi, berekana ibi bintu nk’ikimenyetso cy’uko umurimo wanjye udakomoka ku Mana, ko atari uw’ukuri, ko ahubwo ari uw’ibinyoma. Bityo rero, abatuma umurimo w’Imana unengwa kandi ntiwizerwe, bagomba kuzahagarara imbere y’Imana bagasubiza impamvu z’umurimo barimo gukora. *Review and Herald*, Sept. 5, 1893. Byongeye gucapwa muri, *Testimonies to Ministers*, pages 47-52.

## Umurimo watoranyijwe n’ijuru

Imana ifite itorero, kandi rifite umurimo ryatoranyirijwe n’ijuru. “Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n’abandi kuba abahanuzi, n’abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, n’abandi kuba abungeri n’abigisha, kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa Kristo, kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w’Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo, kugira ngo tudakomeza kuba abana duteraganwa n’umuraba, tujyanwa hirya no hino n’imiyaga yose y’imyigishirize, n’ubuhendanyi bw’abantu n’ubwenge bubi, n’uburyo bwinshi bwo kutuyobya, ahubwo tuvuge ukuri turi mu rukundo, dukurire muri We muri byose. Uwo ni we mutwe, ari wo Kristo.”

Umwami afite abakozi Be yashyizeho, ndetse n’itorero ryanyuze mu gutotezwa, mu ntambara, no mu bihe by’umwijima. Yesu yakunze itorero, kandi araryitangira, kandi azaryuzuza, aritunganye, ariboneze kandi arishyire ahirengeye, kugira ngo rizahagarare ryemye hagati mu kureshya kwangiza kw’iyi si. Abantu bashyizweho n’Imana batoranyirijwe kuba maso cyane, no kugira kwihangana kudatezuka, kugira ngo itorero ridahirikwa n’abakozi babi ba Satani, ahubwo ribashe guhagarara mu isi kugira ngo ryamamaze icyubahiro cy’Imana mu bantu. Iteka hazahorano kutumvikana gukomeye hagati y’itorero n’isi. Intekerezo zitandukanye zizahangana, amahame atandukanye azahangana, ukuri n’ikinyoma na byo bizahangana; nyamara mu makuba akomeye ari hafi kugera ku ndunduro, kandi akaba yaramaze gutangira, abantu b’Imana bagomba kuzakora umurimo bashinzwe n’Imana, kandi bakabera maso imitima nk’abazayibazwa.

Abatwaye buno butumwa bw’ikinyoma buvuga ko Itorero ari Babuloni, barimo kwirengagiza umurimo Imana yabahamagariye. Barwanya gahunda, barwanya inshingano igaragara yatanzwe n’Imana binyuze muri Malaki ku birebana no kuzana icyacumi cyuzuye mu bubiko bw’inzu y’inzu, kandi bakibwira ko bafite umurimo wo kuburira abo Imana yatoranyije ngo bamamaze ubutumwa bw’ukuri.

Aba bakozi ntabwo barimo gutuma umurimo w’Imana n’ubwami bwayo birushaho kugera ku ntego, ahubwo bari gukora umurimo usa nka wawundi umwanzi wo gukiranuka kose akora. Aba bantu barimo guhaguruka bakarwanya inzira n’uburyo byashyizweho n’Imana mu guteza imbere umurimo wayo muri iyi minsi y’amakuba, reka basohoke mu nyigisho zabo zose zidahuje n’ibyanditswe byera ku bigendanye n’imiterere, imiyoborere, n’ubushobozi bw’abakozi batoranyijwe n’Imana.

Mureke bose basobanukirwe n’amagambo nandika muri uyu mwanya. Abakorana n’Imana nta kindi bari cyo uretse kuba ibikoresho byayo, ariko muri bo ubwabo ntibifitemo ubuntu cyangwa kwera bikenewe. Igihe gusa barimo gukorana n’abanyabwenge bo mu ijuru, nibwo bagera ku ntsinzi. Nta kindi bari cyo uretse kuba imiyoboro yo ku isi, bakaba ububiko Imana ishyiramo

ubutunzi bw'ukuri Kwayo. Pawulo ashobora kubiba imbuto, na Apolo akazuhira, ariko Imana yonyine ni Yo ikuza imbuto zabibwe.

Imana ivugira mu bakozi bayo yatoranyije, kandi mureke he kugira umuntu n'umwe, cyangwa urwiyunge rw'abantu, batuka Umwuka w'Imana binyuze mu kwanga kumva ubutumwa bw'ijambo ry'Imana riva mu kanwa k'intumwa zayo. Binyuze mu kwanga kumva ubutumwa bw'Imana, abantu bifungirana mu cyumba cy'umwijima: bashyira ubugingo bwabo kure y'imigisha isendereye; maze bakiba Kristo icyubahiro cyari kimugenewe, binyuze kutubaha abakozi Be yatoranyije.

## Mwitondere Abigisha B'ibinyoma

Imana ntabwo ari yo nkomoko y'imivurungano, ahubwo ni iy'amahoro. Ariko Satani ni umwanzi utagoheka, ahora ari maso, kandi uhora agenderera intekerezo z'abantu, ashakisha ubutaka ashobora kubibamo urukungu rwe. Iyo abonye uwo ari we wese ashobora kwinjiza mu murimo we, amushyira imbere ibitekerezo n'amahame bipfuye, maze akamutera ishyaka ryo kwamamaza amafuti. Ukuri ntiguhindura umutima gusa, ahubwo kweza ukwakiriye. Yesu yatuburiye kwirinda abigisha b'ibinyoma. Kuva mu itangira ry'umirimo wacu, abagabo bagiye bahaguruka uko ibihe bihaye ibindi, maze bakamamaza inyigisho zari nshya kandi zishishana.

Ariko iyaba abavuga ko bizera ukuri bajyaga ku bafite inararibonye, iyaba bajyaga mw'ijambo ry'Imana bafite umutima wemera kwigishwa kandi wicishije bugufi, maze bagasuzuma inyigisho zabo mu mucyo w'ukuri kandi babifashijwemo na bagenzi babo bābāye abigishwa b'abanyamwete ba Bibiliya, kandi ibyo bakabifatanya no kwinginga Imana, bayibaza niba ibyo barimo ari yo nzira y'Umwami cyangwa niba ari inzira y'ikinyoma Satani aba ashaka kubayoboramo; bahabwa umucyo, kandi babasha gusohoka mu rushundura bari barategewemo.

Mureke abavandimwe bacu na bashiki bacu birinde umuntu uwo ari we wese ushobora gushyiraho igihe Umwami azasohorezamo isezerano rirebana no kugaruka Kwe, cyangwa mu birebana n'irindi sezerano iryo ari ryo ryose yagize iry'umumaro wihariye. "Si ibyanyu kumenya iby'iminsi cyangwa ibihe Data yagennye, ni ubutware bwe wenyine."

Abigisha b'ibinyoma bashobora kugaragara nk'abanyamuhati cyane mu murimo w'Imana, kandi bashobora no gukoresha amafaranga yabo kugira ngo inyigisho zabo zigezwe mu itorero no mu bandi batuye isi. Nyamara bitewe n'uko bavanga ikinyoma n'ukuri, ubutumwa bwabo ni igishuko, kandi buzayobora abantu mu nzira zitari zo. Mugomba guhura na bo kandi mukabarwanya, bidatewe n'uko ari abantu babi ubwabo, ahubwo bitewe n'uko ari abigisha b'ibinyoma kandi bakoresha umuhati wabo mu gushaka uburyo ibinyoma byakwambikwa kashe y'ubutumwa bw'ukuri.

Mbega ukuntu bibabaje kubona abantu bavunwa no kuvumbura inyigisho z'ibinyoma, mu gihe hari ububiko bwuzuye amabuye y'igiciro y'ukuri, ari na kwo kwatuma abantu bakungahara mu kwizera kuboneye bihebuje. Mu cyimbo cyo kwigisha ukuri, bemerera intekerezo zabo gutinda ku bintu bishya kandi bidasanzwe, maze ubwabo bakijugunya hanze y'umurongo wo kuzuzanya n'abo Imana irimo gukoresha mu kugeza abantu hejuru ku rufatiro rw'ukuri. Bashyira ku ruhande ibyavuzwe byose mu birebana n'ubumwe bw'amarangamutima n'ibyiyumviro, maze bagasitara ku isengesho rya Kristo nk'aho ubumwe yasengeraga butari bukenewe, cyangwa ko bitari ngombwa ko abayoboke be baba umwe, nk'uko We ari umwe na Se. Bata inzira bakaromboreza mu yabo bwite, maze binyuze mu kumera nka Yehu, bagahamagarira abavandimwe babo gukurikiza urugero rwabo rw'ishyaka bagirira Umwami.

Iyaba ishyaka ryabo ryaratumye bakorera mu murongo umwe nk'uw'abavandimwe babo bihanganiye kwikorera umutwaro mu bushyuhe bw'amanywa, iyaba bari bafite ukudacogora kubabashisha guhangana n'ibicantege ndetse n'inkomyi zo mu rugendo nk'uko abavandimwe babo bari bameze, byaba byiza kubīgāna, kandi Imana yabemera. Ariko abantu batangirana no kwamamaza umucyo utangaje, nyamara ugasanga bitandukanya n'abakozi Imana iyoboye, ni abo kugawa. Ubu ni bwo buryo Kora, Datani, na Abiramu bakoze, kandi ibikorwa byabo byandikiwe kubera umuburo abandi bose. Ntabwo tugomba gukora nk'uko bakoze, ari byo gushinja no kugaya abo Imana yikoreje umutwaro w'umurimo wayo.

Abigishije ko Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi ari Babuloni, bakoresheje *Ibihamya* mu kugerageza gushyigikira uruhande rwabo; nyamara se ni ukubera iki batigeze bagaragaza icyahoze ari umutwaro wanjye, ari wo butumwa bw' "ubumwe bw'itorero"? Kubera iki batigeze bakoresha amagambo yavuzwe na marayika avuga ngo "mushyire hamwe, mushyire hamwe, mushyire hamwe"? Kubera iki kubera iki batigeze basubiramo uwo muburo wuje urukundo kandi ngo batangaze ihame ry'uko "mu bumwe harimo imbaraga, kandi mu macakubiri hakabamo intege nke"? Ubutumwa bumeze nk'ubw'aba bantu bazanye ni bwo buteza amacakubiri mu itorero, kandi bukatumwaza imbere y'abanzi b'ukuri. Mu butumwa nk'ubwo, higaragazamo rwose gukora kwihariye k'umushukanyi ukomeye, wawundi uba wifuza kubuza itorero kugera ku kubonera gukomoka mu kunga ubumwe.

Aba bigisha bakurikira ibishashi byavuye mu muriro bicaniye ubwabo, bagendera ku mitekerereze yabo bwite, kandi bakaburizamo ukuri bifashishije imyumvire y'ibinyoma n'amahame atari ay'ukuri. Banga inama ya benedata, maze bagakomeza mu nzira yabo kugeza igihe bahindutse rwose uko Satani yifuza ko bahinduka, ari ko kugira intekerezo zitari ku murongo.

Ndaburira abavandimwe banjye kwirinda imikorere ya Satani y'uburyo bwose. Uyu munsi, umwanzi ukomeye w'Imana n'umuntu anejejwe n'uko yageze ku ntsinzi mu gushuka imitima no mu kuyobya ubushobozi n'impano zabo akabyerekeza mu miyoboro mibi. Amafaranga yabo

yashoboraga kuba yarakoreshejwe mu kwamamaza ukuri kw'iki gihe, ariko mu cyimbo cy'ibi, yakoreshejwe mu gukwirakwiza inyigisho zidafite urufatiro mu kuri.

## Urundi Rugero

Mu 1845, umugabo witwa Curtis yakoze umurimo nk'uwo muri Leta ya Massachusetts. Yerekanye inyigisho ipfuye, maze aboheranya mu nyigisho ze interuro n'amagambo amwe n'amwe byo mu *Bihamya*, hanyuma abisohora mu kinyamakuru kitwa *Day Star* mu buryo bw'inyandiko ifatika.

Mu gihe cy'imyaka myinshi, izi nyandiko ze zeze imbuto zazo ziteye ubwoba, maze zizanira *Ibihamya* kunengwa, mu gihe *Ibihamya* uko byakabaye bitashoboraga gushyigikira umurimo we. Umugabo wanjye yaramwandikiye, amubaza icyo kuboheranya *Ibihamya* n'amagambo ye bwite byari bisobanuye, akabikoresha mu gushyigikira ibyo twebwe tutemeranyaga na byo, kandi amusaba gukosora ingaruka zakomotse ku murimo we. Yabihakanye yivuye inyuma yanga kubikora, avuga ko inyigisho ze zari ukuri, kandi ko amayerekwa yanjye yagombaga kuzishyigikira, avuga ko n'ubundi yazishyigikiraga mu buryo buteruye, ko ahubwo nari naribagiwe kwandika ingingo zari gutuma inyigisho ze zumvikana neza.

Guhera mu itangira ry'umurimo, iteka hagiye hahaguruka umwe kuwundi kugira ngo akore umurimo nk'uyu, kandi byababaga ngombwa ko njya mu bibazo ndetse ngatanga ikiguzi cyo kuvuguruza ibi binyoma. Basohoye inyigisho zabo mu macapiro, kandi bayobeje imitima myinshi, ariko icyampa Imana ikarinda intama zo mu rwuri rwayo. *Review and Herald*, Sept. 12, 1893. Byongeye gucapwa muri *Testimonies to Ministers*, pages 52-57.

## Imana Ifite Itorero

Ndahamagarira abavuga ko bizera ukuri, kugendera mu bumwe hamwe na benedata. Mwirinde amacakubiri. Reka buri wese yirinde, kandi yitwararike kugira ngo azasangwe ahagaze aho icyuho cyaciwe kugira ngo akizibe, aho kugira ngo azasangwe ahagaze ku gikuta ashakisha uko yacamo icyuho. Reka twese twirinde kurangurura ubutumwa burwanya abantu b'Imana. Ni bo bonyine ubu barimo gusohoza imiterere yavuzwe ku bantu basigaye, bakomeza amategeko y'Imana kandi bakagira guhamya kwa Yesu, kandi barimo gushyira ejuru imibereho yo gukiranuka muri iyi minsi ya nyuma.

Imana ifite ishyanga ryihariye, Itorero ku isi, ritagira iriribanziriza ngo ryo ririkurikire, ahubwo riruta andi yose mu bushobozi bwayo bwo kwigisha ukuri, no kwerereza amategeko y'Imana. Imana ifite ibikoresho-bantu yitoranyirije kandi iyoboye. Ni abantu bihanganiye ubushyuhe n'umutwaro bya buri munsi, kandi bakorana n'abanyabwenge bo mu ijuru mu kogeza ingoma ya Kristo mu isi yacu. Reka bose bahurize hamwe n'aba bantu, kandi ku iherezo bazasangwe bari muri babandi bafite kwihangana kw'abera, bitondera amategeko y'Imana kandi bakagira guhamya kwa Yesu.

### Ibaruwa

Amagambo akurikira ni ibaruwa yohererejwe mwene Data S.:

**Napier, New Zealand**
**kuwa 23 Werurwe, 1893.**
*"Kuri mwene Data S.:*

Ndakwandikira mu magambo makeya. Ntabwo nemeranya n'uruhande wahagazemo kuri iriya ngingo, bitewe n'uko neretswe n'Uhoraho yuko imyanzuro nk'iriya izajya ifatwa n'abantu baguye mu kwibeshya. Pawulo yaduhaye umuburo ugira uti: "Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bīte ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni."

Mwene Data, namenye ko wahagaze mu ruhande ruvuga ko Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi ari Babuloni, kandi ko abazakizwa bose bagomba kuyisohokamo. Ntabwo ari wowe muntu wenyine wayobejwe na Sekibi kuri iyi ngingo. Mu myaka mirongo ine ishize, abantu bagiye bahaguruka umwe ku wundi, bakavuga ko Imana yabohereje ibahaye ubutumwa bumeze nk'ubwawe; nyamara reka nkubwire nk'uko nababwiye na bo, yuko ubutumwa uri gutangaza ari bumwe mu binyoma bya Satani byamaze gufatwa na benshi nk'ukuri kabone nubwo ibyanditswe bibivuguruza, kandi Satani yabizanye agamije kurema urujijo n'umuvurungano mu matorero yacu.

Mwene Data, rwose uri hanze y'inzira nyakuri. Ubutumwa bwa marayika wa kabiri bwari ubwo kujya muri Babuloni [mu matorero yaguye] tuvuga ukugwa kwayo, kandi tugahamagarira abantu kuyisohokamo. Ubutumwa bwe bugomba gutangazwa ku ncuro ya kabiri. "Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Arangurura ijwi rirenga ati "Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi by'uwo mudugudu, kandi Abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara." Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo.

Mwene Data, niba urimo kwigisha ko Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi ari Babuloni, uribeshya. Ntabwo Imana yigeze iguha ubutumwa bumeze butyo ngo ubwigishe. Satani azahora iteka akoresha intekerezo, izo abasha kwemererwa kwinjiramo, maze atume abantu bazana inyigisho zipfuye cyangwa atume bayoba inzira ku ngingo runaka, kugira ngo bitume abantu bagira ikanguka ripfuye maze abashe kuyobya imitima, hanyuma ayibuze kurangamira ku kibazo nyakuri cy'iki gihe. Ndatekereza ko bamwe bazayobywa n'ubutumwa bwawe, kuko buteje amatsiko menshi no kwifuza kunguka ikintu gishya.

Birambabaza rwose kubona ko ushobora kuyobywa mu buryo ubwo ari bwo bwose, ukayobywa n'ibyongorerano by'umwanzi; kubera ko nziko inyigisho uri kwigisha atari ukuri. Mu gukwirakwiza ibyo bitekerezo, uzikururira ingaruka mbi cyane kandi uziteze n'abandi. Wishakisha uko usobanura nabi *Ibihamya* ngo ubigoreke kandi ucurike ubusobanuro bwabyo ngo ubone uko ushyigikira ubutumwa nk'ubwo bw'ikinyoma. Benshi bakiniye muri iki kibuga, kandi bateje ingaruka mbi zikomeye. Mu gihe abandi bahagurukaga buzuye ishyaka ryo kwigisha ubu butumwa, sinahwemye kubabwira ko ubu butumwa butari ukuri.

"Numva yuko ugenda wamamaza ko tudakwiriye gutanga icya cumi. Mwene Data, kwetura inkweto wambaye, kuko aho uhagaze ari ahera. Imana yavuze ibyerekeye gutanga icyacumi. Yaravuze iti: "Nimuzane imigabane y'icyacumi ishyitse muyishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyo kurya. Ngaho nimubingeragereshe, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, murebe ko ntazabagomororera imigomero yo mu ijuru, nkabasukaho umugisha mukabura aho muwukwiza." Nyamara mu gihe Imana isezeranira umugisha abagarura icyacumi, itangaza n'umuvumo ku banga kukigarura. Vuba aha nahawe umucyo uturutse ku Mana ku byerekeye iki kibazo. Neretswe ko benshi mu Badiventiste b'umunsi wa Karindwi biba icyacumi n'amaturo, kandi nahishuriwe rwose ko ibyo Malaki yavuze ari impamo. None se, ni buryo ki umuntu atinyuka kwibwira mu mutima we ko igitekerezo cyo kugundira icyacumi n'amaturo gikomoka k'Uwiteka? Mbese mwene Data, ni he wateshutse ukava mu nzira? Yewe, garura ibirenge byawe mu nzira igororotse.

Twegereje iherezo, nyamara niba wowe cyangwa undi muntu azashukwa n'umwanzi, hanyuma akayoborwa mu butumwa bwo gutangaza igihe Kristo azagarukira, azaba arimo gukora n'ubundi wa murimo mubi wateje kononekara kw'imitima y'abantu bakoze ibimeze bityo mu gihe cyashize.

Niba wambaye umugogo wa Kristo ugufasha kwikorera, niba urimo kwikorera umutwaro we, uzabona ko hari byinshi cyane bikeneye gukorwa mu buryo abakozi b'Imana bari gukoreramo umurimo wo kwigisha abandi Kristo wabambwe. Nyamara uwo ari we wese uzahaguruka, akigisha ubutumwa bwo gutangaza isaha, umunsi cyangwa umwaka wo kuboneka kwa Kristo ubwo azaba agarutse, azaba yamaze kwiyambura wa mugogo umufasha kwikorera umutwaro wa Yesu, kandi azaba ari kwamamaza ubutumwa Uwiteka atigeze amuha na rimwe.

Imana ifite Itorero ku isi ari ryo bwoko bwe bwatoranyijwe, bwitondera amategeko ye. Arariyobora, ntabwo ariyobya, ntabwo rigizwe n'umuntu umwe hano undi hariya, ahubwo ni ishyanga. Ukuri ni imbaraga yeza; nyamara itorero rirwana si itorero ryanesheje. Harimo urukungu mu masaka. "Abagaragu be baramubaza bati 'Noneho urashaka ko. . . tururandura? Na we ati "Oya, ahari nimurandura urukungu murarurandurana n'amasaka.'" Urushundura rw'ubutumwa bwiza ntabwo rufata amafi meza gusa, ahubwo n'amabi aba arimo, kandi Uwiteka wenyine ni we uzi abe.

Ni inshingano yacu kugendana n'Imana twicishije bugufi. Ntabwo tugomba gushakisha na rimwe ubutumwa bw'inzaduka budasanzwe. Ntabwo tugomba gutekereza ko abo Imana yatoranyije barimo kugerageza kugendera mu mucyo ari bamwe mu bagize babuloni. Amadini yaguye ni babuloni. Babuloni yazanye inyigisho z'uburozi, ari zo nzoga yayo z'ibinyoma. Iyi nzoga y'ibinyoma igizwe n'inyigisho zipfuye, nko kudapfa kwa roho, gushya by'iteka kw'abanyabyaha, guhakana guhoraho kwa Kristo mbere y'uko avukira i Betelehemu, no kwigisha ndetse no kogeza umunsi wa mbere w'icyumweru ukarutishwa umunsi wejejwe kandi ugahabwa umugisha n'Imana. Ibi binyoma n'ibindi nka byo, amadini atandukanye abyigisha abatuye isi, kandi ibyo bituma ibyanditswe bisohora bivuga ngo, "Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi by'uwo mudugudu." Ni iruba riremwa n'inyigisho z'ibinyoma, kandi iyo abami n'abaperezida banyoye kuri iyi nzoga y'iruba ry'ubusambanyi bwawo, bazabiranywa n'uburakari bakarakarira abatazemera kugendera mu nyigisho zipfuye za Satani kandi zivuguruza ibyanditswe, ari zo zishyira hejuru isabato y'ikinyoma, maze zikayobora abantu mu gukandagira urwibutso rwashyizweho n'Imana.

"Abamarayika baguye, bakora urwiyunge n'abantu babi. Muri iki gihe, antikristo azagaragara nka Kristo w'ukuri, kandi amategeko y'Imana azakurwaho burundu mu bihugu by'isi yacu. Kwigomeka ku mategeko yera y'Imana bizagera ku mwuzuro wako. Ariko umuyobozi nyakuri w'ubwo bwigomeke, ni Satani wihinduye nka marayika w'umucyo. Abantu bariganyijwe bazamushyira hejuru mu mwanya w'Imana kandi bamusenge nk'Imana. Ariko Ishoborabyose izahagoboka, kandi amadini yahakanye azibumbira hamwe mu kwerereza Satani, azacirwaho iri

teka ngo 'ibyago byawo byose bizaza ku munsi umwe, urupfu n'umuborogo n'inzara, kandi uzatwikwa ukongoke, kuko Umwami Imana iwuciriyeho iteka ari iy'imbaraga.' *Review and Herald*, Sept. 12, 1893. Byongeye gucapwa muri *Testimonies to Ministers*, pages 57-62.

# Urukundo Imana Ifitiye Itorero Ryayo

## Indi Baruwa[2]

**Wellington, New Zealand**
**Kuwa 11 Kamena, 1893.**
*Kuri mwene Data C.:*

Ntabwo Uwiteka yaguhaye ubutumwa bwo kwita Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi Babuloni, no guhamagarira ubwoko bw'Imana kuyisohokamo. Impamvu zose watanga kuri iyi ngingo ntizishobora kugira agaciro kuri njye, kubera ko Uwiteka yampaye umucyo utavuguruzwa uhabanye n'ubutumwa nk'ubwo.

Ntabwo nshidikanya kumaramaza kwawe n'ubunyangamugayo bwawe. Ibihe bitandukanye, nagiye nandikira inzandiko ndende abantu baharabikaga itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bavuga ko ari Babuloni, nababwiye ko batavuga ukuri. Utekereza ko abantu banenze ibyo navuze. Ndamutse nemeranyije na bo, naba ntakwiriye gushingwa gukora umurimo w'Imana. Ariko iki kibazo cyangejejwe imbere kiri hamwe n'ibindi aho abantu bavugaga ko bafitiye Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ubutumwa bwinshi bumeze butyo. Ku bw'ibyo ijambo nabwiwe ryari iri ngo: "Ntimukabizere." "Baragiye nyamara sinigeze mbatuma."

Imana ifite ishyanga iyoboye. Ifite ubwoko yatoranyije, itorero ku isi, abo yagize ububiko bw'amategeko Ye. Yababikije ukuri kwera kw'iteka ryose kugomba kubwirwa isi. Arabacyaha kandi akabakosora. Ubutumwa bwahawe Abanyalawodokiya bukwiriye Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bahawe umucyo ukomeye ariko ntibawugenderamo. Abongabo ni abahamije ukwizera mu buryo bukomeye, ariko batakomeje kugendana n'Umuyobozi wabo ku buryo azabaruka keretse baramutse bihannye. Ubutumwa buvuga ko Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi Karindwi ari Babuloni kandi bagahamagarira abantu kurisohokamo, ntabwo bukomoka ku ntumwa iyo ari yo yose yatumwe n'ijuru, cyangwa umuntu uhumekewemo na Mwuka w'Imana.

Umuhamya w'ukuri aravuga ati, "Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusīga ku maso yawe kugira ngo uhumuke. Abo nkunda bose ndabacyaha, nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane. Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire. Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye naneshеje nkicarana na Data ku ntebe ye."

[2] Aya ni amagambo make yakuwe mu butumwa bwagejejwe no k'uwakoranaga na mwene Data S.

## Ndacyaha Kandi Ngahana

Yesu arimo gukomanga ku mutima wa buri mwizera w'itorero ngo awuhe imigisha ihebuje, nuramuka umukinguriye umuryango. Nta narimwe yigeze abita Babuloni, cyangwa ngo abasabe kuyisohokamo. Ahubwo aravuga ati: "Abo nkunda bose ndabacyaha, nkabahana ibihano." (nkoresheje ubutumwa bwo gucyaha no kuburira).

Ntabwo njya ndeka kwita kuri uku gucyaha. Natanze imiburo kubera ko Umwuka w'Umwami yanyihanangirije ko ngomba kubikora, kandi natanze imiburo kubera ko Umwami yampaye amagambo yo gucyaha. Sinigeze nanga gutangaza inama y'Imana uko yakabaye, iyo nabaga nahawe ngo nyigeze ku itorero. Nzavuga mfite gutinya no gukunda Imana, nzi yuko Uwiteka afite ibitekerezo byuje urukundo n'imbabazi zo kubagarura no kubakiza ugusubira inyuma kwabo kose. Afite umurimo itorero rye rigomba gukora. Ntibagomba kwitwa Babuloni, ahubwo bagomba kuba umunyu w'isi, umucyo w'isi. Bagomba kuba intumwa nzima zamamaza ubutumwa buzima muri iyi minsi iheruka.

## Itorero Ntirigomba Gucibwamo Ibice

Nongeye kuvuga nti, "Uwiteka ntiyigeze avugira mu ntumwa iyo ari yo yose yita Babuloni itorero ryumvira amategeko y'Imana." Ni iby'ukuri ko hari urukungu ruvanze n'ingano; ariko Kristo yavuze ko azohereza abamarayika be kugira ngo babanze barukoranyirize hamwe baruhambiremo imiba maze rutwikwe, nuko ingano zishyirwe mu kigega. Nzi ko Uwiteka akunda itorero rye. Ntabwo rigomba guteshwa gahunda cyangwa ngo ricibwemo uduce duto twigenga. Nta reme na rike riri muri ibi; kandi nta gihamya na gito kiriho kivuga ko ibintu nk'ibi bizabaho. Abantu bazumvira ubu butumwa bw'ibinyoma kandi bakgerageza kubwigisha abandi bazayobywa ndetse babe biteguye kwakira ubuyobe bukomeye cyane kandi ntacyiza bazageraho.

Muri bamwe mu bagize itorero harimo abibone biyemera binangirira mu kutizera ndetse no kwanga kureka ibitekerezo byabo, nubwo bahabwa ibihamya bikurikirana bituma ubutumwa buba ubwerekeye itorero rya Lawodokiya. Nyamara ibyo ntibizabuza itorero kubona umucyo ngo rireke kubaho. Numureke urukungu n'ingano bikurane kugeza mu isarura. Icyo gihe abamarayika ni bo bazakora umurimo wo kubitandukanya.

Ndaburira itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi ngo mwitondere uburyo mwakira buri nyigisho yose nshya n'abantu bavuga ko bafite umucyo ukomeye. Umurimo wabo usa n'uwo kuregana ndetse no gusenya. Nimureke abizera bumvira ijwi rya marayika wabwiye itorero ati, "Mwomatane." Imbaraga zanyu ziri mu kunga ubumwe. Mukundane nk'abavandimwe, mube abanyampuhwe, kandi mwubahane. Imana ifite itorero, kandi Kristo yaravuze ati, "Amarembo

y’ikuzimu ntazarishobora”. Intumwa Uwiteka atuma zifite ibigaragaza uko azemera. *Review and Herald*, Sept. 19, 1893.

# IGICE CYA GATATU - ITORERO RINESHA[3]

## Ubwishingizi Bwasubiwemo Kenshi

Muri iki gihe, Data wa twese akunda ubwoko bwe nk'uko akunda Umwana we. Umunsi umwe tuzagira amahirwe yo kumubona amaso ku maso. -Manuscript 103, 1903. (byanditswe kuwa 15 Nzeri, 1902).

Dukwiriye kwibuka ko nubwo itorero ryaba irinyantegenke ndetse rikaba ridatunganye, ni cyo kintu cyonyine ku isi Kristo ahozaho ijisho. Ahora aryitayeho kandi akarikomeresha Mwuka we Wera. -Manuscript 155, 1902. (Kuwa 22 Ugushyingo, 1902).

Mwiringire uburinzi bw'Imana. Itorero ryayo rigomba kwigishwa. Nubwo ryaba irinyantegenke kandi ntiribe ritunganye, ni ryo kintu ihozaho ijisho -Letter 279, 1904. (Kuwa 1 Kanama, 1904).

### Guhora Rinesha

Itorero rigomba kwiyongera mu mikorere kandi rikagura imbibi zaryo. Umuhati wacu w'ivugabutumwa ugomba guhora wiyongera; tugomba kwagura imbibi zacu…Nubwo hagiye habaho gutsindwa gukomeye mu muhati wo kugumana ikituranga kidutandukanya n'abandi, nk'Abakristo bemera Bibiliya, twakomeje kujya tunesha. Mu kwibuka yuko gutinya Uwiteka ari ryo tangiriro ry'ubwenge, tugomba gukora tumaramaje, tugahora dusenga iteka dusaba ko ubuntu bw'Imana bukiza butwigisha kuri buri ntambwe. Tugomba gushakisha iteka uko twamenya ubushake bw'Umwami, no kugendera muri bwo. Mureke tumaranire kumenya Umwami, kuko kumumenya by'ukuri ari byo bugingo buhoraho. -Letter 170, 1907. (May 6, 1907).

Ubuhamya twabonye guhera mu myaka mirongo itanu ishize nk'ishyanga bwo kubana na Mwuka w'Imana, buzahagarara bwemye mu gihe cyo guterwa n'abarimo kwemera kuba ingabo ziri ku ruhande rw'umwanzi kandi bakambara intwaro zo kurwanya ubutumwa bw'Imana. -Letter 356, 1907. (Oct. 24, 1907).

Bavandimwe mbandikiye ibi nubwo mwese mudashobora kubisobanukirwa. Iyaba ntarizeraga ko ijisho ry'Imana rihora ku bwoko bwayo ntabwo nashoboraga kugira ubutwari bwo kwandika ibintu

---

[3] Ubwishingizi bw'urukundo Imana ifitiye itorero ryayo bwagaragajwe neza mu 1893, mu myaka yakurikiyeho bwagiye busubirwamo bukongera bugasubirwamo. Ahagana ku musozo w'ubuzima bwa Elina G. White, Umwami yongeye kwizeza ubwoko bwe intsinzi y'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi. Iki gice gisoza, kigizwe n'isonzoranya ry'aya magambo yasubiwemo kenshi ahanini akuwe muri Manuscript za Elina G. White ndetse no mu ngingo yanditse zagiye zisohorwa mu binyamakuru by'itorero, - (Abarinzi b'inyandiko za Elina G. White)

bimwe inshuro nyinshi…Imana ifite ubwoko iyoboye kandi yigisha. -Letter 678, 1907. (Nov. 11, 1907).

Nahawe amabwiriza yo kubwira Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi ku isi yose ko nk'ishyanga, Imana yaduhamagariye kuyibera ubutunzi bwihariye. Yateguye ko itorero ryayo ku isi rizashikama ritunganye mu Mwuka n'inama z'Uhoraho nyir'ingabo kugeza ku mperuka y'ibihe. -Letter 54, 1908. (Jan. 21, 1908)

Mu buryo bwihariye, Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi bāshyizwe mu isi nk'abarinzi n'abatwaramucyo. Ni bo bāshīnzwe umuburo uheruka ugenewe isi iri kuzimira. Ni bo Imana yanyujijeho umucyo utangaje ukomoka mu Ijambo ryayo. Bahawe inshingano y'agaciro gakomeye yo kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa mbere, ubw'uwa kabiri n'ubw'uwa gatatu. Nta wundi murimo ufite agaciro gakomeye nk'ak'uwo. Bagomba kwirinda icyo ari cyo cyose cyatuma bawutera umugongo. Ukuri gukomeye cyane kwigeze guhabwa abantu bapfa, ni ko twahawe gutangariza isi. Gutangaza uku kuri nibyo bigomba kuba umurimo wacu. -Testimonies, Vol, p.19 (Byacapwe bwa mbere mu 1909).

Nta kintu kuri iyi si Imana ikunda cyane nk'itorero ryayo. Mu kubitaho mu buryo bukomeye, Imana irinda abayishaka. Nta kintu cyibasira Imana nk'abagaragu ba Satani barwanira kwambura ubwoko bw'Imana uburenganzira bwabwo. Ntabwo Uhoraho yatereranye abantu be. Satani yerekana amakosa bakoze, kandi agerageza kubatera kwizera ko muri ubwo buryo bitandukanyije n'Imana. Abamarayika babi bashakisha mu nzira zose uko baca intege abantu baharanira kunesha icyaha. Bashyira imbere yabo ibibi byabo by'igihe cyashize maze bakerekana ko ibyabo nta garuriro bifite. -Letter 136, 1910. (Nov.26, 1910).

## Izina Ry'itorero Ryacu

Neretswe ibirebana no kugira izina kw'abasigaye. Imbere yanjye nagaragarijwe amatsinda abiri. Itsinda rimwe ryari ririmo benshi mu bavuga ko ari Abakristo. Bicaga itegeko ry'Imana, kandi bakunamira ikirango cyashyizweho n'ubupapa. Baruhukaga umunsi wa mbere w'icyumweru nk'aho ari Isabato y'Uwiteka. Irindi tsinda, ryari rigizwe na bake, ryunamiraga Ukomeye waratanze amategeko. Bumviraga itegeko rya kane. Ibyarangaga umwihariko n'umumaro byo kwizera kwabo, byari ukuziririza umunsi wa karindwi, no gutegereza kuzaboneka k'umwami wacu avuye mu ijuru . . .

Nta zina na rimwe twagira ngo ribe ridukwiriye, kereka irihuje n'ibyo dukora, rikerekana kwizera kwacu, kandi rikatugaragaza nk'ishyanga ryihariye. Izina rivuga ngo "Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi" ni ugucyaha gushinze guhagaze mu isi yahakanye. Aha niho hari umurongo utandukanya abaramya Imana n'abaramya inyamaswa kandi bakakira ikimenyetso cyayo.

Intambara ikomeye iri hagati y'amategeko y'Imana ndetse n'ibyo inyamaswa isaba. Kubera ko abera bakomeza amategeko yose uko ari icumi, ni byo bituma ikiyoka kibarwanya. Baramutse bamanuye urugero rw'ibibaranga, maze bakarekura ibintu byihariye biranga ukwizera kwabo, ikiyoka cyagira amahoro imbere yabo; nyamara babyutsa uburakari bwacyo, bitewe n'uko batinyutse kuzamura urugero rw'ibibaranga kandi bakazamura ibendera ryabo mu buryo bwo kwitandukanya n'isi yahakanye, ari yo irimo kuramya ikirango cyashizweho n'ubupapa.

Izina rivuga ngo "Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi", rishyira imbere ibirango nyakuri by'ukwizera kwacu, kandi bizatera igishinja ku mutima w'umuntu uzarikoraho ubugenzuzi. Iri zina rizakomeretsa abica itegeko ry'Imana nk'umwambi uturutse ku muheto w'Uwiteka, kandi rizatera abantu kwihana basange Imana no kugira kwizera mu Mwami wacu Yesu Kristo.

Neretswe ko hafi y'abantu bose babaga bahagurukanye inyigisho runaka, bakifuza guhisha ukuri kw'imiterere y'ubutumwa bwabo kugira ngo babashe kuyobya abandi, bazaga bavuga ko babarizwa mu "itorero ry'Imana". Izina nk'iryo, ryazagera aho rikabyutsa urwikekwe; kuko rikoreshwa mu gutwikira amafuti arusha andi yose kuba nta reme na rike afite. Iri zina, riteye urujijo bihagije kuburyo ritaberanye n'abantu basigaye b'Imana. Ryazatuma abantu bibwira ko hari ukwizera twari dufite, maze tukifuza kugutwikira kugira ngo kutamenyekana. -*Testimonies*, Vol.1, p.223, 224. (Byacapwe bwa mbere mu 1861).

Turi Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Mbese duterwa isoni n'izina ryacu? Igisubuzo cyacu ni, "Oya, oya! Ntabwo duterwa isoni na ryo. Ni izina Uhoraho yaduhaye. Ryerekana ukuri kugomba kuba igipimo cy'amatorero."- Letter 110, 1902. (Byanditswe kuwa 7 Nyakanga, 1902.)

Turi Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi kandi ntidukwiriye na rimwe guterwa isoni n'iri zina. Nk'ishyanga tugomba gushikama ku kuri n'ubutungane. Ubwo ni bwo tuzahesha Imana ikuzo. Tugomba kurokorwa mu bibi, ntitugwe mu mitego cyangwa ngo twanduzwe na byo. Tugomba guhora duhanze amaso Yesu we Nkomoko yo kwizera kwacu kandi akaba ari na we ugusohoza. – Letter 106, 1903. (Byanditswe kuwa 20 Gicurasi, 1903.)

## Inteko Nkuru Rusange

Neretswe ko nta mitekerereze y'umuntu n'umwe ikwiriye kwegurirwa kuyoborwa n'imitekerereze y'undi uwo ari we wese. Nyamara iyo hagize imitekerereze runaka yemejwe n'Inteko nkuru rusange, ari yo rwego w'ubuyobozi Imana ifite mu isi ruruta izindi zose, ubwigenge bwite n'imyanzuro bwite n'umuntu ku giti cye ntibikwiriye kugumanwa, ahubwo bigomba gushyirwa hasi. - Testimonies, Vol. 3, p. 492. (First published in 1875.)

Nta mwambi n'umwe w'umucyo nari mfite uvuga ko [Uwiteka] yifuzaga ko nza hano muri iki gihugu [cya Australia]. Nahaje bitewe no kumvira ijwi ry'Inteko nkuru rusange, ari ryo nakomeje gufata iteka nk'umuyobozi. - Letter 124, 1896. (Written Aug. 9, 1896.)

Nta na rimwe ibyemezo by'umuntu umwe cyangwa iby'itsinda ry'abantu bake bikwiriye kurebwa nk'ibihagije mu bwenge n'ubushobozi bikenerwa mu kugenzura umurimo no gutanga gahunda zigomba gukurikizwa. Nyamara mu Nteko nkuru rusange, iyo ibyemezo bya benedata bateranye bavuye mu bice byose by'umurimo bifashwe, ubwigenge bwite n'imyanzuro bwite y'umuntu ku giti cye ntibikwiriye kugumanwa kubwo kwiyobagiza, ahubwo bigomba gushyirwa hasi. Ntibikwiriye na rimwe ko umukozi w'Imana yibwira ko gukomeza guherera mu ruhande rwe rw'ubwigenge ari ingeso nziza, mu gihe rutandukanye n'umwanzuro w'inteko nkuru rusange.

Akenshi, igihe agatsiko gato k'abantu bashinzwe kuyobora umurimo muri rusange mu izina ry'Inteko Nkuru babaga batekereje gushyiraho igenamigambi ribuzemo ubwenge, kandi ari nta handi ryerekeje uretse gukoma mu nkokora umurimo w'Imana; nahamije ko ntashobora na rimwe kongera gufata ijwi ry'Inteko Nkuru ihagarariwe n'abo bagabo bake, nk'ijwi ry'Imana. Ariko ibyo ntibisobanuye ko tutagomba kubahiriza ibyemezo bifatirwa mu Nteko Nkuru igizwe n'iteraniro ry'abantu bahiswemo neza, kandi bahagarariye ibirere byose by'umurimo.

Imana yategetse ko abahagarariye Itorero ryayo bavuye mu bihugu byose by'isi, iyo bateraniye mu Nteko Nkuru, bagomba kugira ububasha. Ikosa bamwe bashobora kugwamo, ni iryo kugena ko ibitekerezo by'umuntu umwe cyangwa iby'agatsiko k'abantu bake, byakwegurirwa ubutware bwuzuye n'imbaraga y'icyitegererezo Imana yambitse Itorero ryayo, binyuze mu bugenzuzi hamwe n'ijwi ry'Inteko Nkuru iteraniye gutegūra imigambi izatanga umusaruro n'amajyambere y'umurimo wayo. –9T 260, 261 (1909).

Igihe ubu bubasha Imana yashyize mu itorero buhawe umuntu umwe uko bwakabaye, hanyuma agahabwa inshingano yo gufatira abandi imyanzuro, ibyo byatuma gahunda nyakuri ya Bibiliya ihinduka. Bitewe n'uko umwanzi yagira ibyiringiro by'uko binyuze mu ntekerezo z'uwo muntu byamushoboza kugira ingaruka ku bandi benshi, ibitero bya Satani ku mitekerereze ye byaba birimo ubuhendanyi buhanitse kurusha ubundi bwose, kandi rimwe na rimwe byajya bimuganza. Mureke ibyo twajyaga guha umuntu umwe cyangwa itsinda ry'abantu bake tubihe urwego

rusumba izindi zose mu itorero kandi rukorera kuri gahunda. -*Testimonies,* Vol. 9, pp. 260, 261. (First published in 1909).

## Nta Tsinda Rishya

Uhoraho yavuze ko uko twinjira mu murimo uheruka amateka y'igihe cyashize azongera gusubirwamo. Ukuri kose Uhoraho yatanze ngo kuvugwe mui iyi minsi iheruka kugomba kubwirwa abatuye isi. Ntabwo dushobora gutambuka urufatiro Imana yashinze. Ntabwo dushobora kwinjira mu itsinda rishya iryo ari ryo ryose kuko ibi byaba bisobanuye guhakana ukuri. -Notebook Leaflets, *The Church*, No. 1. (Written Dec. 24, 1905).

## Imana Niyo Iri Ku Ruziga Ruyobora Ubwato

Ntidukwiriye kugira ubwoba cyangwa ngo dushidikanye ko umurimo utazagera ku ntsinzi. Imana ni yo iyoboye umurimo kandi izashyira ibintu byose kuri gahunda. Niba hari ingingo zikeneye gutunganywa ku ruhembe rw'imbere rw'umurimo, Imana izahashyira ubufasha kandi igire icyo ikora ngo ikosore amafuti yose. Nimucyo twizere ko Imana igiye gutwara ubwato bw'agaciro kenshi butwaye ubwoko bw'Imana bukabugeza ku mwaro mu mahoro. *Review and Herald,* Sept. 20, 1892.

## Ubutumwa Bwatangiwe Mu Nama Y'inteko Nkuru Rusange Yo Mu 1913[4]

**Ivuriro rya "Elmshaven," Sanitariyumu, California,**
**Kuwa 4 Gicurasi, 1913.**
*Ku bateraniye mu Nteko Nkuru Rusange, ndabasuhuje!*
*Bavandimwe banjye nkunda:*

"Ubuntu bube muri mwe n'amahoro biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami Yesu Kristo. Hashimwe Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo ari yo na Se, ari yo Data wa twese w'imbabazi n'Imana nyir'ihumure ryose, iduhumuriza mu makuba yacu yose kugira ngo na twe tubone uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n'Imana''

"Ariko Imana ishimwe kuko ihora iturangaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya, kuko turi impumuro nziza ya Kristo ku Mana hagati y'abakira n'abarimbuka."

"Kuko tutabwiriza abantu ibyacu, ahubwo tubabwiriza ibya Kristo Yesu ko ari we Mwami, natwe tukaba abagaragu banyu ku bwa Yesu. Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo. Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe."

"Ni cyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w'inyuma asaza, umuntu wacu w'imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye, kuko kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose."

### Ibyiringiro N'ubutwari

Ni amahirwe y'abantu baduhagarariye bari mu nama y'Inteko Nkuru Rusange kugira ngo bakunde umwuka w'ibyiringiro n'ubutwari. Bavandimwe, Umukiza yabihishuriye mu nzira nyinshi. Yujuje mu mitima yanyu umucyo wo kubana nawe igihe mwakoreraga mu bihugu bya kure n'iwanyu. Yabarinze mu byago bigaragara n'ibitagaragara, kandi ubu ubwo mwongeye guhurira n'abavandimwe banyu mu nama, ni amahirwe yanyu kwishimira mu Mwami, no kunezezwa no kumenya ubuntu bubakomeza. Nimureke urukundo rwe rwigarurire intekerezo n'umutima.

[4] Ubutumwa bwasomewe mu Nama y'Inteko Nkuru Rusange ku gicamunsi cy'Isabato ya mbere yo muri iyo nama, kandi busomwa na mwene Data W. C. White.

Mwirinde kuremererwa, gucika intege no guhangayika. Nimutange ubuhamya butera imbaraga. Nimutere umugongo ibyijimye kandi bica intege maze mwitegereze Yesu, Umuyobozi wacu ukomeye uwo kubw'uburinzi bwe umurimo wo kwamamaza ukuri kw'iki gihe ugomba kunesha mu ikuzo ryinshi. Uko kuri ni ko dutangira ubuzima bwacu n'ibyacu byose.

Inyifato abaduhagarariye bagira mu nama izagira imbaraga igira icyo ibwira abantu b'aho umurimo ukorerwa kimwe no ku ntumwa ubwazo. Bavandimwe nimureke bigaragare ko Yesu atuye mu mutima, agashyigikira, agakomeza kandi agahumuriza. Ni amahirwe yanyu ko buri munsi mwahabwa Mwuka wera Muziranenge ku rugero rwinshi, kandi mukagira ibitekerezo byagutse byerekeye akamaro ndetse n'ubugari bw'ubutumwa turi kubwira abatuye isi. Uhoraho yifuza kubahishurira ibintu bitangaje bivuye mu mategeko ye. Nimumutegereze mufite umutima wicishije bugufi. Musengere cyane gusobanukirwa n'ibihe turimo, kugira ngo dusobanukirwe mu buryo bwuzuye n'umugambi we ndetse no kurushaho kugera ku ntego mu murimo wo gukiza imitima.

Inshuro nyinshi mu nzozi za nijoro ntegekwa kugira inama abavandimwe bacu bari mu myanya y'ubuyobozi kugira ngo bakorane umuhati mwinshi ngo barusheho kumenya Umwami wacu mu buryo butunganye. Igihe abakozi bacu bazasobanukirwa n'agaciro k'ibihe turimo bazagaragara ko bafite umugambi udakebakeba wo kuba mu ruhande rw'Uhoraho, kandi mu kuri bazahinduka abakozi bakorana n'Imana. Igihe bazegurira umutima n'ubugingo bwabo mu murimo w'Imana, bazabona ko nibanesha icyaha hari ubumenyi bwimbitse bw'ingenzi bazunguka batigeze bagira.

Bizatubera byiza kuzirikana ibigiye kuba ku isi vuba. Iki ntabwo ari igihe cyo gupfusha ubusa cyangwa kwishakira ibitunezeza. Niba ibihe turimo bitabasha gukora ku ntekerezo zacu mu buryo bukomeye, ni iki cyatugeraho? Mbese ntabwo Ibyanditswe bisaba ko habaho umurimo urushijeho gutungana kandi wera kurusha uwo twigeze tubona?

## Guhamagarirwa Kongera Kwiyegurira Imana

Ubu hakenewe abantu basobanukiwe neza. Imana irahamagara abantu bifuza kuyoborwa na Mwuka Muziranenge kugira ngo bajye ku ruhembe rw'imbere mu murimo w'ivugurura. Ndabona ibihe bikomeye imbere yacu, kandi Uhoraho arahamagara abakozi be ngo baze mu murimo. Buri muntu wese akwiriye guhagarara mu mwanya wo kwiyegurira Imana mu buryo bwimbitse kandi nyakuri kurusha uko byabayeho mu myaka yashize.

Mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1909 hari umurimo uba warakozwe mu mitima y'abari bayirimo nyamara ntiwakozwe. Amasaha menshi aba yarahariwe kwinira no kwigenzura, ibyo bikaba byari gutuma habaho kumeneka gushya kw'imitima y'abari mu nama. Ibi biba byarabahaye ubwenge bwo gusobanukirwa umurimo w'ingenzi cyane bagomba gukora bihannye kandi bicujije.

Nyamara nubwo hari amahirwe yatanzwe ngo abantu bature ibyaha, bihane babikuye ku mutima kandi ngo habeho ivugurura nyakiri, nta murimo utunganye wakozwe. Abantu bamwe bumvise imbaraga ya Mwuka Muziranenge maze baritaba, nyamara bose ntibaretse ngo batwarwe n'iyi mbaraga. Intekerezo za bamwe zirukiraga mu nzira zabuzanyijwe. Iyo haza kubaho kwicisha bugufi mu mutima ku ruhande rw'abari bari mu nama bose, hari kugaragara umugisha utangaje.

Mu gihe cy'amezi menshi nyuma y'irangira ry'iyo nama, nari mfite umutwaro uremereye, kandi namenyesheje abavandimwe bari mu nshingano ibyo bintu Uhoraho yantegekaga gushyira imbere yabo neruye. Amaherezo bamwe mu bari bari mu myanya y'ubuyobozi ifitanye isano n'umurimo rusange, bamaze gusenga cyane no kwigana ubushishozi ubutumwa butandukanye bwatanzwe, ku bwo kwizera bashishikariye gukora umurimo bahamagariwe-umurimo atashoboraga gusobanukirwa mu buryo bwuzuye; kandi uko bakomezaga kujya mbere bubaha Imana, babonye imigisha myinshi.

## Umusaruro Wo Kugendera Mu Mucyo

Byazaniye umutima wanjye umunezero mwinshi kubona impinduka zitangaje zazanwe mu buzima bwa bamwe, ari na byo byatumye bahitamo kujya mbere mu nzira y'Umwami mu kwizera, mu cyimbo cyo gukurikira inzira bihitiyemo ubwabo, Iyaba abavandimwe babaga mu nshingano barakomeje kurebera ibintu mu mucyo utari wo, bari kuba baratumye habaho ibintu byajyaga kwangiza umurimo mu buryo bubabaje; ariko ubwo bumviraga inama bohererejwe, maze bagashaka Umwami, Imana yabazanye mu mucyo wuzuye, kandi ibashoboza gukora umurimo ushimwa no gutuma habaho ivugurura ry'iby'umwuka.

Iyo Umwami azamuriye ikiganza Cye gutegurira inzira abagabura Be, ni inshingano yabo gukurikira aho abayobora. Ntazigera na rimwe atererana cyangwa ngo arekere mu gushidikanya abagendera mu buyobozi Bwe babigambiriye n'umutima wabo wose.

## Kugaragaza Ibyiringiro

"Nishimiye yuko muri byose nshobora kubiringira rwose ntashidikanya" (2Abakorinto 7:16). Kandi nubwo numva mbabajwe cyane n'inyifato abantu bamwe bafite ku byerekeye ingamba z'ingenzi zifitanye isano n'iterambere ry'umurimo w'Imana ku isi, ariko kandi mfite no kwizera gukomeye kubw'abakozi bari hirya no hino, kandi nizera ko ubwo bahurira hamwe bakicisha bugufi imbere y'Uhoraho maze bakongera kwiyegurira umurimo we, bazashobozwa gukora ibyo ashaka. Na n'ubu hari bamwe batabona ibintu nk'uko biri, ariko abo bakwiriye kwigira ku kurebera ku bakozi bagenzi babo, kandi bakwiriye kwirinda gukora amakosa akomeye kubwo gushaka Uhoraho by'ukuri muri iki gihe no kwegurira ubushake bwabo bwose mu bw'Imana.

Natangajwe cyane n'ibyo mperutse kubona mu nzozi za nijoro. Hasaga n'ahariho gutera intambwe gukomeye. Wari umurimo w'ububyutse wajyaga mbere ahantu henshi. Abantu bacu bazaga mu murongo bitaba guhamagara kw'Imana. Bavandimwe, Uhoraho ari kuvugana natwe. Mbese ntabwo tuzumvira ijwi rye? Mbese ntabwo tuzacana amatara yacu, kandi ngo dukore nk'abategereje ko Umwami wabo aza? Iki ni igihe gisaba gutwara umucyo ngo hagire igikorwa.

"Nuko ndabinginga, …ngo mugende uko bikwiye ibyo mwahamagariwe, mwicisha bugufi rwose, mufite ubugwaneza bwose no kwihangana, mwihanganirana mu rukundo, mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw'Umwuka umurunga w'amahoro" (Abefeso 4:1-3). - *General Conference Bulletin*, May 19, 1913, pp. 33,34.

# Ubutwari Mu Mwami[5]

Vuba aha mu nzozi za nijoro, ubwenge bwanjye bwujujwe igitekerezo na Mwuka Muziranenge ko niba Umwami agiye kuza vuba bidatinze nk'uko tubyizera, twari dukwiriye kurushaho kugira umuhati kurusha uko twabigenje mu myaka yashize tumenyesha abantu ukuri.

Ku byerekeranye n'iyi ngingo, intekerezo zanjye zerekeye ku gikorwa cy'abizera bitwaga Abategereje mu mwaka wa 1843 no mu 1844. Icyo gihe hariho gusura urugo ku rundi kwinshi, kandi hakoreshwa umuhati udacogora ngo abantu baburirwe ku bivugwa mu Ijambo ry'Imana. Twari dukwiriye gukoresha umuhati uruseho kurenza uwakoreshejwe n'abamamaje ubutumwa bwa marayika wa mbere bakiranutse. Turi kwegera iherezo ry'amateka y'iyi si mu buryo bwihuse; kandi uko tubona ko Yesu agiye kuza bidatinze, tuzahagurukira gukora kurusha uko kwakoze mbere. Dutegekwa kuvuza impanda y'imbuzi tubwira abantu kandi mu mibereho yacu bwite, tugomba kugaragaza imbaraga z'ukuri n'ubutungane. Abatuye isi bari hafi gucirwa urubanza n'ukomeye watanze amategeko kubera amategeko ye bishe. Abantu bava mu bwigomeke maze bakumvira nibo gusa bashobora kwiringira imbabazi n'amahoro.

Tugomba kuzamura ibendera ryanditsweho ngo, "Amategeko y'Imana no kwizera Yesu." Kubaha amategeko y'Imana ni ingingo ikomeye. Nimureke twe kuyirengagiza. Tugomba gushishikarira gukangura abagize itorero n'abatagira icyo bizera kugira ngo barebe kandi bumvire ibyo amategeko y'Imana asaba. Tugomba kuyerereza kandi tukayubahisha.

Kristo yadutumye kujya kubiba imbuto z'ukuri no kumenyesha abantu bacu akamaro k'umurimo ugomba gukorwa n'abantu bari muri ibi bihe biheruka amateka y'iyi si. Mu gihe amagambo y'ukuri agenda yamamazwa mu nzira nyabagendwa no mu tuyira duto, hagomba kubaho guhishurwa k'umurimo wa Mwuka w'Imana mu mitima y'abantu.

Mbega ibintu byinshi byiza biba byaragezweho iyaba abantu bose bafite ukuri, ari ko Jambo ry'ubugingo, baba barakoze kugira ngo bamurikire abadafite uko kuri. Igihe Abasamariya basangaga Kristo bahamagawe n'umugore w'umusamariya, Kristo yabavuzeho abwira abigishwa be ko abo ari umurima weze utegereje gusarurwa ati, "Mbese ntimuvuga ngo, 'Hasigaye amezi ane isarura rigasohora?' Dore ndababwira nimwubure amaso murebe imirima yuko imaze kwera ngo isarurwe". Kristo yagumanye n'abasamariya iminsi ibiri kubera bari basonzeye kumva ukuri. Mbega uburyo iyo minsi ibiri yari irimo imirimo myinshi! Umusaruro wavuye mu murimo w'iyo minsi ni uko "abantu benshi baruta aba mbere bizeye kuko biyumviye ijambo rye". Dore ubuhamya batanze, "Noneho si amagambo yawe yonyine aduteye kwizera, kuko natwe twiyumviye tukamenya ko uyu ari we Mukiza w'abari mu isi koko."

[5] Ubu ni ubutumwa bwa kabiri Ellen G. White yahaye Inteko Nkuru Rusange mu nama yayo yo mu 1913, kandi bwasomwe na perezida w'iyo nama A. G. Daniells, kuwa gatatu w'Isabato mu gitondo, Kuwa 27 Gicurasi.

Ni nde wo mu bantu bavuga ko ari ubwoko bw'Imana uzakora uyu murimo wera kandi akita ku barimbuka kubera kubura ubwenge? Isi igomba kuburirwa. Neretswe ko ahantu henshi hakeneye gukoranwa umuhati wera, utunganye kandi udacogora. Kristo agenda afungura imitima n'intekerezo by'abantu benshi mu mijyi yacu minini. Abo bantu bakeneye ukuri kw'ijambo ry'Imana; kandi nitwegera Kristo mu butungane kandi tugaharanira kwegera abo bantu, hazabaho gukangukira ibyiza. Dukeneye gukanguka maze tugashyikirana na Kristo na bagenzi bacu. Imijyi minini n'imito, haba hafi na kure hagomba kugira ikihakorwa kandi mu bwenge. Ntumukigere musubira inyuma. Nidukora twunze ubumwe na Mwuka w'Imana, Imana izatera impinduka nziza mu mitima y'abantu.

Bavandimwe mfite amagambo yo kubatera ubutwari. Tugomba kujya mbere dufite kwizera n'ibyiringiro, twiteze kubona ibintu bikomeye biva ku Mana. Mu buryo bwose umwanzi azashaka uko abera imbogamizi umuhati uri gukoreshwa kugira ngo ukuri kujye mbere, nyamara mubasha kugera ku nsinzi muri mu mbaraga y'Uhoraho. Nimureke he kugira amagambo y'urucantege avugwa, ahubwo havugwe amagambo azatera ubutwari kandi agakomeza abakozi bagenzi banyu.

## Ijambo Ryihariye

Njye ubwanjye numva nifuza gukora umurimo ushimishije nkagera iyo umurimo ukorerwa, kandi koko nari nkwiriye gukora umurimo ukomeye uretse ko nibwira ko ku myaka ngezemo atari byiza kwibeshya ku mbaraga z'umubiri mfite. Mfite umurimo ngomba gukora nkageza ku itorero n'abatuye isi umucyo nagiye mpabwa kenshi mu myaka yose ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwabwirizwaga. Umutima wanjye wuzuye icyifuzo gikomeye cyo kumenyesha ukuri abantu bose bashobora kugerwaho. Kandi ndacyafite uruhare mu gutegura ingingo zo kwandikaho. Ariko kandi ngomba kugendana ubushishozi, nibitaba bityo mba nishyira aho ntashobora kwandika. Ntabwo nzi igihe nshobora kumara nkiriho, ariko ntabwo mbabara mu mubiri nk'uko nari mbyiteze.

Nyuma y'Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1909, namaze ibyumweru byinshi njya mu materaniro makuru ndetse n'andi materaniro rusange, kandi ngasura ibigo bitandukanye muri New England, mu bihugu byo hagati no mu burengerazuba bwo hagati.

Igihe nari ngarutse mu rugo rwanjye muri California nongeye gukomeza umurimo wo gutegura ingingo zigomba gusohorwa mu nyandiko. Mu myaka ine ishize nanditse amabaruwa make. Imbaraga nagiye ngira nagiye nzikoresha cyane mu kurangiza umurimo wo kwandika igitabo cy'ingenzi.

Rimwe na rimwe nagiye njya mu materaniro kandi nasuye ibigo muri California, ariko kuva igihe cy'Inama y'Inteko Nkuru Rusange igihe kinini nagiye nkimara nandika inyandiko zandikisheje intoki ndi aho ntuye hitwa "Elmshaven" hafi ya Saint Helena.

Ndashima kubera ko Imana irinda ubuzima bwanjye kugira ngo nongererwe igihe cyo gukora ku bitabo byanjye. Mbega iyo ngira imbaraga zo gukora ibyo mbona ko ari ngombwa gukorwa! Ndasaba ko Imana yampa ubwenge kugira ngo ukuri abantu bacu bakeneye cyane kubashe kuvugwa mu buryo bwumvikana kandi bwemerwe. Mfite ubutwari bwo kwizera ko Imana izanshoboza kubikora.

Gushishikarira umurimo rusange ugomba gukorwa biracyafite agaciro gakomeye nka mbere, kandi ndifuza cyane ko umurimo w'ukuri kw'iki gihe wazagera mu mpande zose z'isi. Nyamara mbona ko ari byiza ko ntakwiriye gukora imirimo myinshi ndi kumwe n'abantu benshi mu ruhame mu gihe umurimo ugomba gukorwa ku bitabo ukeneye ko nawuhagarikira. Mfite bamwe mu bakozi beza cyane, abakoranye na njye muri Australia ku bw'ineza y'Imana, kimwe n'abandi bafatanyije najye kuva igihe nagarukiye muri Amerika. Nshimira Imana kubw'abo bafasha. Twese dufite imirimo myinshi cyane, dukora ibyo dushoboye dutegura ingingo zishobora gusohorwa mu nyandiko. Nifuza ko umucyo w'ukuri umurika ahantu hose, ubasha kumurikira n'abadasobanukiwe impamvu zo kwizera kwacu. Rimwe na rimwe amaso yanjye arambabaza cyane. Nyamara ndasingiza Uhoraho kuko yarinze amaso yanjye nkaba nkireba. Ntabwo byaba bidasanzwe mbaye kuri iyi myaka yanjye nari nkwiriye kuba ntagikoresha amaso yanjye na hato.

Ndashima kuruta uko nashobora kubivuga kubwo kuzahurwa na Mwuka w'Imana, kubwo gukomezwa ndetse n'ubuntu Imana ikomeza kumpa, kandi ko impa imbaraga n'amahirwe yo gutera abandi ubutwari no gufasha ubwoko bwayo. Igihe cyose Uhoraho akirinze ubugingo bwanjye, nzamubera indahemuka n'umunyakuri, mparanire gukora ibyo ashaka no guhesha ikuzo izina rye. Ndasaba ngo Imana yongere ukwizera kwanjye kugira ngo mbashe gukomeza kuyimenya no kurushaho gukora neza ibyo ishaka. Uhoraho ni mwiza kandi akwiriye gusingizwa cyane.

### Imbaraga Z'abakozi Bageze Mu Za Bukuru

Nifuza cyane ko ingabo z'umusaraba zigeze mu za bukuru, ba bandi bamereye imvi mu murimo w'Umwami, bakomeza gutanga ubuhamya bwabo bwahuranyije kugira ngo abakiri bato mu kwizera bababashe gusobanukirwa ko ubutumwa Uhoraho yaduhaye mu gihe cyashize ari ingenzi cyane kuri uru rwego amateka y'isi agezeho. Ntabwo ibyatubayeho kera byigeze bitakaza n'agace gato k'imbaraga zabyo.

Nimureke abantu bose bigengesere be guca intege abajya ku ruhembe rw'imbere mu murimo cyangwa ngo babatere kumva ko hari umurimo muto bashobora gukora. Imbaraga zabo ziracyashobora gukoreshwa cyane mu murimo w'Uwiteka. Ubuhamya bw'abagabura bageze mu za bukuru buzahora ari ubufasha n'umugisha ku itorero. Haba ku manywa na nijoro Imana izarinda abatwaramucyo bageragejwe kandi b'indahemuka, kugeza ubwo igihe kizagera maze ba karambika hasi intwaro zabo. Nimureke bagire ibyiringiro ko bari munsi y'uburinzi bwa wawundi udahunikira cyangwa ngo asinzire; bizere ko barindwa n'abarinzi batajya bananirwa. Igihe bamenye ibi kandi bakabona ko bari muri Kristo, bashobora kuruhuka biringiye ineza y'Imana.

## Kugeza Ku Iherezo

Nsabana umwete ngo umurimo dukora muri iki gihe uzakore ku mutima, ubwenge n'ubugingo. Ibitera guhangayika biziyongera; nyamara nimureke twe nk'abizera Imana duterane ubutwari. Nimucyo twe kumanura ibendera, ahubwo mukomeze kurizamura, duhange amaso Yesu we Banze ryo kwizera kwacu kandi ni we Ukunonosora. Igihe ndi mu nzozi za nijoro sinshobora gusinzira, nzamura umutima wanjye nkawegereza Imana nsenga, kandi Imana irankomeza ndetse ikampa ibyiringiro ko iri kumwe n'abakozi bayo bayikorera umurimo iwabo no mu bihugu bya kure. Iyo mbonye ko Imana ya Isiraheli ikiyobora ubwoko bwayo kandi ko izakomeza kubana nabwo kugeza ku iherezo, numva ngize ubutwari n'umugisha.

## Kujya Mbere Mu Buryo Burushijeho Kugera Ku Ntego

Nahawe amabwiriza yo kubwira abavandimwe bacu bari mu murimo nti, 'Nimureke ubutumwa buva mu kanwa kanyu bube bufite imbaraga ya Mwuka w'Imana.' Niba hari igihe cyigeze kibaho twigeze dukenera ubuyobozi bwihariye bwa Mwuka Muziranenge ni iki.  Kwezwa burundu. Igihe kirageze kugira ngo twereke abatuye isi kwigaragaza kw'imbaraga ya Mwuka w'Imana mu mibereho yacu no mu murimo wacu.

Uhoraho yifuza kubona umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu kujya mbere kurushaho kugera ku ntego. Nk'uko yakoze mu myaka yose agaha ubwoko bwe kunesha ni nako muri iki gihe yifuza cyane kugeza ku nsinzi imigambi afitiye itorero rye. Abwira intore ze zimwizera kujya mbere zishyize hamwe zigenda zongera imbaraga, ziva ku ntambwe imwe yo kwizera zigana ku byiringiro n'icyizere biruseho mu kuri no mu butungane bw'umurimo we.

Tugomba guhagarara nk'urutare tugashikama ku mahame y'Ijambo ry'Imana, twibuka ko Imana iri kumwe na twe kugira ngo iduhe imbaraga zo guhangana n'ibintu bishya byose bitubaho. Nimutyo mu mibereho yacu tugumane amahame y'ubutungane, kugira ngo tubashe kujya mbere twongerwa imbaraga mu izina ry'Uhoraho. Ukwizera kwashyigikiwe n'amabwiriza ndetse no

kwemerwa na Mwuka w'Imana kuva mu byatubayeho kera kugeza iki gihe, tugomba kugufata ko kwera cyane. Tugomba gukunda umurimo Uhoraho yagiye akorera mu bwoko bwubahiriza amategeko ye tukawufata ko ari uwa agaciro kenshi, kandi binyuze mu mbaraga z'ubuntu bwe, uwo murimo uzarushaho kugira imbaraga no kugera ku musaruro mwiza uko igihe kizajya gihita. Umwanzi ashaka kwijimisha ubwenge bw'ubwoko bw'Imana no guca intege ubushobozi bwabo. Nyamara nibakora uko Mwuka w'Imana azabayobora, Imana izakingurira imbere yabo inzugi z'amahirwe kugira ngo bubake amatongo ya kera. Imibereho yabo izaba iyo guhora bakura kugeza igihe Uhoraho azamanuka avuye mu ijuru afite imbaraga n'ikuzo ryinshi kugira ngo ashyire ikimenyetso cye cyo kunesha guheruka ku ndahemuka kuri we.

## Isezerano Ryo Kunesha Guheruka

Umurimo uri imbere yacu ni umurimo uzakoresha imbaraga zose z'ikiremwamuntu. Uzasaba gukoresha ukwizera kutajegajega ndetse no guhora bari maso. Ingorane tuzahangana na zo incuro myinshi zizaba ari urucantege mu buryo bukomeye. Ugukomera kw'inshingano kuzadutera gukangarana. Nyamara hamwe no gufashwa n'Imana, abagaragu bayo amaherezo bazanesha. "Ni cyo gituma bavandimwe mbinginga ngo mudacogora" bitewe n'ibyo kubagerageza biri imbere yanyu. Yesu azabana namwe, azajya imbere yanyu kubwa Mwuka we Muziranenge, ategure inzira kandi azababera umufasha mu igihe cyose mu bibakomereye byose.

"Ni cyo gituma mfukamira Data wa twese, uwo imiryango yose yo mu ijuru n'iyo mu isi yitirirwa, ngo abahe nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw'Umwuka we, kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu ku bwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzure kugeza ku kuzura kw'Imana.

"Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo, icyubahiro kibe icyayo mu itorero no muri Kristo Yesu, kugeza iteka ryose ry'ibihe bidashira, Amen". – *General Conference Bulletin,* May 27, 1913, pp. 164, 165.

## Ibyiringiro Byagaragajwe Mu 1915[6]

Ntabwo ntekereza ko nsigaje igihe kirekire cyo kubaho. Umurimo wanjye urenda kurangira . . . Sintekereza ko nzagira ibindi bihamya byinshi nandikira abantu bacu. Abantu bacu bafite intekerezo zitajegajega, bazi icyaba cyiza mu kuzamura no kubaka umurimo. Nyamara hamwe no kugira urukundo rw'Imana mu mitima yabo, bakeneye kwimbika cyane mu kwiga ibintu by'Imana. - *Review and Herald*, April 15, 1915. Byongeye gucapwa muri *Fundamentals of Christian Education*, pages 547, 548.

********

Iki gitabo cyasemuwe na NIZIGIYIMANA Fiston Dieu Merci afatanyije na MAAJABU Alleluia Tito, hanyuma gisubirwamo kandi gikosorwa na MAAJABU Alleluia Tito. Bombi ni abizera bo mu itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi rya Asa UR Nyarugenge, mu ntara y'ivugabutumwa ya ASSA Kigali, muri Filidi y'U Rwanda y'iburasirazuba bwo hagati (ECRF).

NIZIGIYIMANA Fiston Dieu Merci: fistodie@gmail.com ; (+250)780680150
MAAJABU Alleluia Tito: maajabualleluiatit77@gmail.com ; (+250)785943779

[6] Byakuwe mu butumwa buheruka Ellen G. White yahaye itorero, kandi yabuvugiye ku gisasiro yari arwariyeho indwara ye yanyuma.